IBYAHA BIRINDWI BYICA INGESO NZIZANDWI ZUZUYE UBUNTU BW'IMANA N'IMPANO NDWI Z'AMAYOBERA CYANGWA Z'UMWUKA

CYANDITSWE NA
MWENEDATA YOHANA KAROLI F.O.D.C

Cyahinduwe mu Kinyarwanda na:

Fr. Phanuel MUNEZERO

2011

Uburenganzira bw’umwanditsi©1999 bwa Mwene Data Yohana Karoli
Uburenganzira bwose ni ubw’umwanditsi. Nta gice cy’iki gitabo kigomba gusubirwamo cyangwa kohererezwa undi muntu mu buryo ubwo aribwo bwose, haba mu buryo bw’ikorana buhanga cyangwa ubusanzwe , hadatanzwe uruhushya mu nyandiko butangwa n’abasohoye ikigitabo, keretse iyo ari umuntu utanga incamake y’iki gitabo hanyuma akifashisha ibice bimwe na bimwe by’iki gitabo kugirango iyo ncamake yandikwe mu binyamakuru, cyangwa isomwe ku nsakazamajwi.

Cyasohowe na:
Umuryango udaharanira inyungu wa Wilkins
Agahanda ka 387 S. Milledge
Athens, GA 30605

Numero ya ISBN: 0-9676257-0-X
Cyandikiwe muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.

UWO GITUWE

Iki gitabo ‘ibyaha birindwi byica, Ingeso nziza ndwi zuzuye ubuntu bw’Imana, n’Imapano ndwi z’amayobera cyangwa z’Umwuka’ gituwe Tomasi Hart Wilkins ku mpamvu zo kwitanga kwe no kugira ubuntu, kuko iyo ibyo bitabaho iki gitabo ntabwo kiba cyaranditswe. Iki gitabo gituwe kandi Janice Brown, ku mpamvu z’ubuhanga n’ubumenyi bye aribyo byatumye iki gitabo cyandikwa.

IBYEREKERANYE N'UMWANDITSI W'IKI GITABO

Mwenedata Yohana Karoli ni umushumba mukuru wacyuye igihe w'itorero ry'Abangilikane risesuye (Anglican Catholic Church). Atuye i Maitland, muri Australia.

Mugihe gishize Yohana Karoli yari akuriye umutwe w'Abafaransiskani b'Impuhwe z'Imana; umutwe w'abihaye Imana mu itorero ry'Abangilikani risesuye. Yabaye umuyobozi n' igisonga cy'umushumba wa Diyosezi ya Australia mbere yuko Imana ishima ko aba umushumba wa Diyosezi ya New Orleans mu itorero ry'Abangilikani risesuye. Mbere yaho ariko, Yohani Karoli yari igisonga cy'umushumba wa Adelaide n'umudiyakoni mukuru wa Eyre Peninsula muri Australia. Igihe kimwe yabaye umushumba muri Polenezia, ndetse yigeze no kuba igisonga cy'umushumba wa Worcester, Chelmsford na Southwark mu gihugu cy'u Bwongereza. Muri Leta zunze ubumwe z'Amerika, yigeze kuba uwungirije umwarimu mukuru muri Seminari ya Nashotah wigisha tewolojiya y'abihaye Imana bakitandukanya n'isi yanduye (Ascetic Theology). Yabaye n'uwungirije umushumba wa Quincy, n'umukuru wa Seminari ya Holyrood, i New York.

IBIRIMO

INTERURO

Igice cya Mbere
Ibyaha birindwi byica
Ubwibone
Kwifuza
Irari
Ishyari
Ubusambo
Uburakari
Uburangazi

Igice cya Kabiri
Ingeso nziza ndwi zuzuye ubuntu bw'Imana
Ingeso nziza zishingiye kuri Tewolojiya
Kwizera
Kwiringira
Kugira neza cyangwa Urukundo
Ingeso Nziza z'ingenzi
Ubutabera
Ubwitonzi n'ubushishozi
Gushyira mu gaciro no kwirinda
Gukomerera mu kwizera

Igice cya Gatatu
Impano ndwi z'amayobera cyangwa z'Umwuka
Ubwenge
Gusobanukirwa
Ubujyanama
Ubumenyi
Imbaraga z'Umwuka
Gutinya Imana
Gusa n'Imana cyangwa kugira ubumana

Igice cya Kane
Abanzi b'Umwuka
Umubiri: Umwanzi w'imbere
Isi: Umwanzi w'inyuma
Satani

Ijambo ry’inyongera
Ibitabo byifashishijwe

INTERURO

Icyaha ni iki?

Icyaha ni igitekerezo cyose, ijambo ryose, cyangwa igikorwa cyose gitandukanye no gushaka kw’Imana. Umunyabyaha ni nde? “Kuko bose bakoze ibya ntibashyikira ubwiza bw’Imana” (Abaroma 3:23). Ese icyaha gikora iki? Gikora ibintu bitanu bikurikira:
-Gitera imbaraga nke gushaka kwacu
-Cyanduza ubwenge bwacu
-Gitera ingeso mbi imibiri yacu
-Gishavuza imitima yacu
-Kidutandukanya n’Imana
Ibi bintu bitanu byavuzwe haruguru bitwereka k’uburyo bugaragara, umwanya gushaka kwacu gufite mu buzima bwacu mu by’Umwuka, akamaro k’intekerezo n’umubiri nk’uburyo dukoreshya dukorera Imana, abandi bantu ndetse natwe ubwacu. Byongeye, ibintu bitanu icyaha gikora bitwereka umwanya wo kwifuza mu buzima bwacu bw’Umwuka. Bituma twibuka ukuri kuvuga ko twaremwe mu ishusho y’Imana. Bitwereka ko hari impamvu yo kuremwa kwacu, kandi ko tugomba kuba icyaremwe gishya binyuze mu guhura n’Imana. Twahamagariwe kuba bashya, kwegera no gushaka ubuziranenge. Iki kintu twahamagariwe nicyo icyaha gihora gishaka gusenya. Ku mpamvu z’uko icyaha kirwanya kandi kigashaka no guhagarika umurimo w’umubatizo ukorerwa muri twe (Reba Abaroma 6:4; Abakolosayi 2:12).

Ese inyishyu y’icyaha ni iyihe? Imana yaduhaye inyishyu muri Yesu Krisito, We Mana nyakuri n’umuntu nyakuri. Yabaye umwe muri twe kandi aba nkatwe kugirango muri we, binyuze mu Mwuka Wera, dushobore kongera kwiyunga no kubana n’Imana mu Itorero ry’Imana hano mur’iyi si no mu ijuru ubuzira iherezo.

Ese tugomba gukora iki? Duahamagariwe kandi tugomba kwihana n’uko tukabatizwa (Reba Luka 13:3; Ibyakozwe n’Intumwa 2:38). Ijambo ry’ikigiriki ryo kwihana ni “metanoia” ariryo risobanura guhindura icyerekezo cyacu ku buryo budasubirwaho. Niba tugomba kwihana by’ukuri, tugomba kubanza twisuzuma, tukagenzura ubuzima n’intego byacu kugirango tumenye aho twagomeye Imana, n’uburyo twayicumuyeho. Tugomba kwatura ibyaha byacu. Tugomba kugira umutima umenetse. Kumeneka umutima ni kugira agahinda gakomeye k’ubw’ibyaha atari ku mpamvu z’uko twafashwe mu cyaha, ahubwo ari ku mpamvu z’uko twamenye ingaruka mbi z’icyaha kuri twe kandi tukabibonera muri Yesu Krisito ku musaraba. Itorero rihora rikoreshya aya magambo kuri Yesu igihe yari ku musaraba: “Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, Yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha” (Yesaya 53:5). Tugomba rero guhindura ubuzima bwacu tubifashijwemo n’ubuntu bw’Imana. Ntabwo twabikora ku mbaraga zacu, tugomba kwemerera Imana ikaduhindura.

Umwanya w'isakaramentu ryo kw'icuza ibyaha uboneka mu gitabo cy'Amasengesho Rusange no mu migenzo y'Itorero Risesuye. Imana yaduhaye iri sakaramentu kugirango tubone icyizere gituruka ku Mana ko twababariwe ibyaha, kandi tumenye by'ukuri icyo guhabwa imbabazi binyuze mu batambyi bisobanura. Mu gihe cyo kwicuza ibyaha, umutambyi aduha inama mu by'umwuka kugira ngo dukure kandi tugire ubuzima bwiza bw'umwuka. Ntabwo nzi icyo utekereza ariko icyo nzi ntabwo njye nakwirengagiza uburyo bwose naboneramo ubuntu bw'Imana. Kandi ndashimira Imana kubw'isakaramentu ryo kwicuza ibyaha n'umwanya ryagize mu buzima bwanjye n'ubw'abatambyi n'abasenyeri banyoboye mu buzima bwa gikrisito.

Guhinduka k'ubuzima bwacu kugomba kujyana n'intego nyakuri yo guhinduka. Uko guhinduka gushobora kubaho mu mbaraga n'ubufasha bw'Imana. Mu mubiri wa gikrisito, ariwo torero rye, Imana yaduhaye uburyo tuboneramo ubuntu bwayo. Yaduhaye umwuka wo gusenga, aduhamagarira gutekereza ku Byanditswe Byera kugirango turusheho kumumenya. Yaduhaye amasakaramentu kandi yaduhaye ubusabane dufitanye muri Krisito. Yaduhaye umuhamagaro wo kumukorera kandi icyo adushakaho ni umurava no kudatezuka. Ibi byose Imana yaduhaye bibangamirwa n'icyaha.

Ntabwo tugomba kwitiranya ikigeragezo n'icyaha. Icyaha kibaho iyo dutsinzwe n'ikigeragezo. Uko gutsindwa kuba mu mutima, mu miterere yacu, cyangwa mu bwenge bwacu no mu ntekerezo. Mu gihe dukinisha ikigeragezo cyangwa tukagitaho igihe cyacu cyinshi tuba duha umwanya icyaha. Indirimbo imwe itwibutsa ukuri kw'aya magambo ubwo ivuga iti, "Ntutsindwe n'ikigeragezo kuberako gutsindwa ari icyaha", ikomeza ivuga iti: "uko utsinda ibigeragezo bigufasha gukomeza kubona insinzi." Mu gihe dukinisha ikigeragezo aho kukirwanya, ubukana bw'icyo kigeragezo buriyongera, ibyo bituma dutangira kugira intekerezo z'icyaha, ibikorwa ndetse n'amagambo aducumuza.

INGINGO Z'IBANZE N'UBUSOBANURO

Ibyaha birindwi by'ingutu, birica kandi birakomeye nk'uko byiswe mur'iki gitabo ni ubwibone, kwifuza, irari, ishyari, ubusambo, umujinya n'uburangazi. Ingeso nziza ndwi, mbere na mbere ni ingeso zijyanye no kumenya Imana: Icyizere, ibyiringiro no gufasha abandi nizo ngeso Pawulo avuga mu 1 Abakorinto 12 na 13. Byongeye kandi ingeso nziza z'ingenzi ni: ubutabera, ubushishozi, gushyira mu gaciro, kwirinda no gukomerera mu kwizera.

Impano ndwi z'Umwuka ziboneka mu isengesho rikomeye umusenyeri avuga igihe arambikaho ibiganza abakrisito bakomezwa (Reba Igitabo cy'Amasengesho Rusange). Mur'iryo sengesho umusenyeri asenga agira ati: "Turagusaba Mwami hamwe n'umufasha ariwe Mwuka Wera ngo ubahe imbaraga no kugirango buri munsi ubagwizeho impano zawe z'ubuntu, umwuka w'ubwenge no gusobanukirwa, inama n'ubushobozi, ubumenyi n'ubuziranenge nyakuri, kandi ubahe kugutinya kugirango batagucumuraho."

Icyaha ni ubushake bwo kwitandukanya n'ugushaka kw'Imana. Pawulo wera avuga ku byerekeranye n'umutima muntu wuzuye gushidikanya, Abaroma 7:19,24, 25 agira ati: "Kuko icyiza nshaka gukora ataricyo nkora, ahubwo ikibi nanga akaba aricyo nkora; Yemwe mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu? Imana ishimwe kuko ijya inkiza, kubwa Yesu Krisito, Umwmi wacu." Byongeye, mu bice bya 3 na 4 by'Abaroma, Pawulo atwibutsa agira ati: "Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana."
Tugomba kumenya itandukaniro riri hagati y'ibyaha dukora n'ibyaha igitabo cy'ibyerekeranye n'umwuka cyiswe, "Igicu Cy'utamenya" cyo mu kinyejana cya 14 cyise ngo, "Umucyo w'Icyaha".

Ku ruhande rumwe, icyaha ni iyobera rikomeye mu gusobanura, ariko tuzi icyo icyaha gikora. Icyaha cyanga umucyo ariko tukanga tugahitamo icyaha ku bushake bwacu. Mu gihe gikwiye turibuze kurebera hamwe uko twasobanukirwa ibintu by'ingenzi bisobanura icyaha.

Inyito "Icyaha cy'inkomoko" ikoreshwa n'abahanga mu by'Iyobokamana mu kugaragaza ukuri guturuka mu kutumvira ababyeyi bacu ba mbere. Kuva bakora ibyaha muri Edeni, twese twavukanye irari ry'icyaha. Iryo rari ribi ritwerekeza gukora icyaha. Iryo niryo itorero gatulika ryigisha ko rivanwaho n'umubatizo. Muri gahunda y'umubatizo, nyuma y'uko umwana cyangwa se umuntu ukuze abatizwa, umutambyi avuga ati: "Tumaze kubona ko uyu muntu abyawe ubwakabiri kandi ashyizwe mu mukumbi w'itorero rya Krisito, nimureke rero dushimire Imana."

Icyaha nyakuri ni icyo dukora mu ntekerezo zacu, mu mvugo no mu ngiro. Twese dufite icyaha kimwe cyangwa byinshi dukunda gukora cyangwa tugwamo bitaruhije. Ibi byaha bimenyekana nk'ibyaha twibanire: Ibyaha tugwamo mu buryo bworoshye kandi ni ibyaha dukunda gukora. Ibi byaha bimenyekana kandi nk'ibyaha by'ingeso. Niba tugomba gutera intambwe igaragara mu buzima bwacu bw'umwuka no mu kwera kwacu, tugomba kumenya ibi byaha n'uburyo twashobora kubirwanya.

Icyaha nyakuri ni ugutandukira umubano mwiza Imana yashyizeho mu gihe cy'umubatizo. Inyigisho ziduteguriraa kubatizwa zigisha ko buri wese muri twe yahinduwe Umwana w'Imana, ntabwo ari umwana gusa, uhubwo ni Umwana w'Imana. Niyo mpamvu buri wese muri twe afite umubano wihariye n'Imana. Yo itarashoboraga kudukunda kurusha uko idukunda kabone n'ubwo umwe muri twe yagombaga kuba ariwe wenyine kuri iyi si. Byongeye, mu mubatizo, buri wese muri twe yagizwe urugingo rwa Krisito cyangwa igice gihoraho cya Krisito n'umuragwa w'ubwami bw'ijuru, ntabwo ari umuzungura ahubwo ni umuragwa. N'ubwo twinjiye mu buzima buzaza kubw'umubatizo, dukomeza kurwana no guhangana n'ibiriho n'ibizaza.

Ibyaha birindwi byica byerekana uko icyaha kidukurura kugirango ducumure. Byerekana imyifatire ijyanye na kamere y'icyaha twakomoye ku bakurambere bacu muri Edeni. Iyo myifatire ituma dukunda gukora icyaha. Iyi myifatire iduhatira gukora icyaha ishobora guhinduka akamenyero cyangwa ibyaha bya twibanire. Ibi byaha birica, birakomeye, kubw'ingufu n'ubukana bitugiraho kugirango ducumure. Mu bikorwa, ibi byaha

bikomeye bigaragazwa no kwigenga, kutumvira, no kudakomeza gukurikira no gukorera Imana, kutita ku mategeko y'Imana, gutatira gushaka kw'Imana, imigambi na gahunga by'Imana. Kutita ku buremere bwo kwigenga n'agasuzuguro ni ikintu gikomereye ubuzima bwacu bw'umwuka. Byumvikane neza ko ibyaha byibasira ubuzima bwacu bw'umwuka bigira ingaruka mbi kandi yica kuri twe kurushya ibyaha biterwa n'irari ry'umubiri, kandi ibi bitandukanye n'imyumvire y'iki gihe.

Umwami wacu yavuze amagambo atari menshi ku byaha biterwa n'irari ry'umubiri, kwifuza n'ubusambo; ariko yari afite byinshi byo kuvuga ku byerekeranye n'ibyaha by'abantu bakunda gutsimbarara, bibona, bikunda kandi badafasha abatishoboye kandi badakunda bagenzi babo. Ibi nibyo byerekana uko abafarisayo bari baragumiwe mu by'umwuka. Mu gitabo cyo mu kinyejana cya cumi n'umunane, umwanditsi yavuze ku mugore wabwiye undi ati, "ntabwo azigera akora ibibi, ariko akora ibyiza mu buryo budashimishije." Birababaje kuko ibi bikunda kubaho kandi ni ukuri ku bantu biyita ko ari beza.

Umubare karindwi ugaragara hamwe n'ibi byaha ufite imvano yawo kuri mutagatifu Gregori Mukuru, ndetse na Mutagatifu Tomasi hamwe n'Umuririmbyi wa Zaburi, bemeye iyi sano iri hagati y'uyu mubare n'ibi byaha.

Inyandiko za kera zivuga k'uby'umwuka zivuga ku ngeso mbi z'umubiri, "irari ry'amaso, irari ry'umubiri, no kwibona ku by'ubugingo, ni ubusambo, kwifuza, n'uburangazi. Irari ry'amaso ririfuza kandi ubwibone bw'ubugingo ni ubwibone, ishyari, n'uburakari (1Yohana 2:16; 1 Abatesalonika 4:5).

Ikintu cy'ingenzi kuri twe ntabwo ari tewolojiya ishingiye ku mibireho n'imigenzereze by'abantu, ahubwo ni ingaruka mbi ibi byaha bigira ku buzima bwacu mu by'umwuka. Ibi nibyo tewolojiya yerekeranye n'ibyo kwitandukanya n'isi yanduye ikora. Ijambo asetike: aribyo kwitandukanya n'isi yanduye, rikomoka ku ijambo ry'Ikigiriki ryitwa "askesis" ariryo risabanurwa ngo "inyigisho, imyifatire".

Ibyaha birindwi bikomeye ni ishingiro ry'ibindi byaha. Bishingiye ku kutumvira. Muri buri wese muri twe harimo imbuto yo kutumvira idushyishyikariza gukora icyaha, idutera gutekereza no kwifuza ibibi, kandi idutera gukora ibibi. Ibi byaha bitera ingaruka mbi, biratuyobya, kandi byangiriza icyiza kiri muri twe. Ibi Byaha bica intege urukundo rwacu ku Mana, kuri bagenzi bacu ndetse no kuri twe ubwacu. Bituma tudashobora kwakira ubuntu bw'Imana, bikanduza imyifatire myiza dufite, niyo mpamvu tugomba kwihana, tukicuza ibyaha, kugirango ubuzima bwacu bukire. (ubu buryo bwo kwihana turwanya icyaha, muri rusange bwitwa "Gucungura imyifatire n'imigenzereze".

Uko bisanzwe, ibyaha byitwa ibyaha byica cyangwa bikomeye bidutera gukora ibintu bibi kandi bidushavuza, byongeye kandi, tukabikora tubizi kandi tudahatwa. Bishobora kudushavuza kandi bitewe n'uburyo tubikoramo cyangwa impamvu tubikora. Urugero: iyo biteguwe ku bushake bwacu kugira ngo tugirire nabi bagenzi bacu, cyangwa n'ubwo tutabitegura ariko tukaba dushaka kugirira nabi bagenzi bacu, tubaseka cyangwa

tubishima hejuru. Ibi ni ibyaha bikomeye kandi byica. Byitwa ibyaha byoroheje iyo bikozwe atari kubushake bwacu cyangwa tutabizi.

Kuri buri wese muri twe, ntabwo byoroshye gukura mu by'umwuka, bidusaba kurwana intambara, kandi tugomba guharanira guhinduka dukora neza n'ubwo bitoroshye. Ikibwirizwa cyamfashije cyane cyabwirijwe mu muhango wo gukomezwa kwanjye. Ibyanditswe Byera byasomwe ni Abafilipi 2: 12, 13 "N'uko abo nkunda , nk'uko iteka ryose mwajyaga mwumvira uretse igihe mpari gusa, ariko cyane cyane ntahari, abe ariko musohoza agakiza kanyu, mutinya, muhinda umushyitsi, kuko Imana ariyo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Umubwiriza yasobanuye ukuntu gukura mu byo kwera bituruka ku Mana. Imana iratwiyegereza. Kunesha ni ukwayo. Ni impano iduha.

Icyaha cyacu kiduhamagarira kwihana biivuye ku mutima, kiduhamagarira kwitanga byimazeyo. Ku musaraba niho tubonera inzira ituma dukomeza urugendo.

Buri wese muri twe akeneye gusuzuma ibimutera gukora ibyo akora byose no kwihanganira ibibazo n'intege nke z'abandi. Abantu bafite ubushobozi butandukanye, kandi bakurira mu buzima butandukanye, kandi banyura mu bibazo bitandukanye. "Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu, kugirango namwe mutazarucirwa" (Matayo 7:1).

Hejuru y'ibyaha by'umuntu ku giti cye n'ingeso mbi z'icyaha, hari ibindi bintu bibi bikomeye: gufatanya icyaha cyangwa ibyaha rusange (kwirata kurenze mu rwego rw'igihugu cyangwa ku bwenegihugu) n'ibyaha byo mumibanire rusange (ivangura iryo ariryo ryose). Nta n'ubwo dushobora kwibagirwa ingaruka mbi z'ihuzabukungu ku bantu badashoboye kwifasha. Tugomba kumenya ibibi by'ibitekerezo bigezweho byitiranya kwiyemera no kwiyizera, uburakari no kutava ku izima.

Ibi byose bitandukanye n'imibereho ishingiye ku mpano nziza kandi zuzuye umwuka duhabwa n'Umwuka Wera. Impano ndwi nziza duhabwa n'Umwuka Wera n'imbaraga zituyobora kandi zidufasha kugera ku budakemwa no kwera. Zose hanwe zigize imyifatiye n'imico y'umuntu wera. Izi mpano ntabwo zigomba kwitiranywa n'impano dusanzwe tuzi z'Umwuka nk'uko ndibuze kubigaragaza.

Mu itangiriro ryo gukura mu by'umwuka izi mpano ndwi ntabwo zikunda kugaragara uko ziri. Ni intambwe ya mbere Imana idufasha gutera kugirango dukomere mu buzima bwacu bwa gikrisito. Zituma twibera mu biganza by'Imana. Zituma twifuza kubaha no gukurikiza gushaka kw'Imana, kuko zitumenyesha ku buryo budasubirwaho icyo Imana idushakaho. Nk'uko twabibonye izi mpano ni impano koko. Ntabwo dushobara kuzibona tutabifashijwemo n'Imana, kuko tuzihabwa, kandi tukazakira k'ubw'ubuntu bw'Imana. K'ubw'ubuntu, aribwo buryo Imana ikorana natwe, turushaho kwitegura kuzakira.

Ubwo tuganira ku mpano, hari ibintu by'ingenzi birindwi tugomba kumenya. Aha ndifashisha ubuhanga n'ubumenyi bw'umutambyi witwa Harton, aho yavuze ku kibazo cy'ingeso nziza mu gitabo yise, "Ibigize ubuzima bw'umwuka".

Icya mbere, nta muntu numwe ushobora gukura mu by'umwuka atifuje byimazeyo izi mpano. Impano zituruka ku Mwuka Wera, kandi zidukuriramo iyo dukomeje imigenzo idakuka ijyanye n'ingeso nziza. Ingeso nziza: kwizera, kwiringira, gufasha abandi, zuzuzwa n'izi mpano ndwi nziza zituruka ku Mwuka Wera. Ubuzima bufite izi mpano buba bwerekeza mu buziranenge bwuzuye kwizera, kwiringira no kugira neza. Twicisha bugufi iyo twiha Imana. Turayiyegurira kandi mu buzima bwacu bwa buri munsi tukagerageza gukoresha ubutabera, kwirinda, kwitonda no gushishoza. Uko dukomeza gukora ibi byose, Umwuka Wera akomeza kutwongerera kwizera, kwiringira no kugira neza.

Icya kabiri, tugomba gukomeza kwirinda tubishaka kandi tubikunze, imigenzo y'isi. Umutambyi Harton akomeza agira ati "gukunda iby'isi ku muntu ugendera mu by'umwuka bigomba kwitonderwa cyane". Gukunda iby'isi bituma tuvuga ibinyoma mu muhamagaro wacu. Bituma imico yacu iba mibi kandi bitera intege nke kwitanga kwacu. Impano z'Umwuka Wera zuzura abantu bifuza babikuye ku mutima gukunda Krisito. Umwami wacu we ubwe yavuze ati "Ntawe ukeza abami babiri…" (Matayo 6: 24).

Icya gatatu, tugomba kugaragaza ko twifuza gukura. Aha gusenga ni ingenzi. Gusenga bigomba kugaragara mu buzima bwacu bwose. Tugomba gusenga kugeza ubwo ubuzima bwacu bushingira ku gusenga. Gukora ibi byose, ntabwo bituruka kuri twe ubwacu ahubwo biterwa kandi bituruka ku kwifuza ko Imana irangiza ibyo yatangiye mu buzima bwacu.

Hari Umugani w'umutambyi wari ugeze mu zabukuru wahamagawe kugirango asengere umuntu wari urwaye cyane. Uyu mutambyi yabajije umurwayi ati, "Tom, wihannye ibyaha byawe"?

Tom aramwenyura aramusubiza ati, "Yego, ndihana byinshi muri byo, ariko hari ibyanshimishije ku buryo ntashobora kuvuga ko mbyihana."

Umutambyi aramubaza ati, "Wifuza ko nabyo wabyihana?"

Hanyuma Tom aramusubiza ati, "Hari bimwe nshobora kongera kwihana, ariko hari ibindi byanshimishije kububyo ntashora kwifuza ko nabyihana."

Umutambyi yari amaze igihe kirekire mu kazi kandi afite ubumenyi bwinshi arongera aramubaza ati, "Wifuza ko nibyo udashobora kwifuza kwihana wabyihana?"

Tom arasubiza ati, "Nshobora kuvuga ntyo." Nuko Umutambyi amusabira kwezwaho ibyaha byose.

Icyotwifuza ko kibaho gishobora kuba kitagaragara. Ariko Imana ishobora kugihindura kizima kandi kigakundwa. Buhoro buhoro icyo kintu twifuza gihinduka kimwe mu bigenga ubuzima bwacu.

Icya kane, tugomba kurangwa n'umwuka wo kwitanga. Dushobora gutangirira ku tuntu duto cyane, cyangwa se ku myifatire isanzwe kandi itagoye. Muri ubwo buryo dukomeza gukura buhoro buhoro. Yesu Krisito, Umwami wacu yitanze nk'igitambo kubera twe abantu. (Reba Abaheburayo 9:14). Kandi twe twakoreweho ikimenyetso cy'umusaraba mu gihe cy'umubatizo, twahamagariwe kubaho mu buzima bwo kwitanga. Umwuka wo kwitanga utegeka ubugingo bwacu kugira ngo bukure kandi udufasha kugirango dushobore kwikorera umusaraba iyo bibaye ngombwa mu gihe tukiri hano kuri iyi si. Icyizere cyacu ni ukwihisha muri Krisito (Abakolosayi 3:3). Tugomba kuba abantu bashobora gufatanya na Pawulo tuvuga tuti, "Ntibikabeho ko ngira icyo nirata keretse gusa umusaraba w'umwami wacu Yesu Krisito, kuko ku bwawo, isi yabambwe kubwa njye kandi nanjye nabambwe ku bw'isi" (Abagalatiya 6: 14). Ubushake bwo kwitanga iki gitambo budufasha gushyira Imana imbere aho kugira ngo abe ari njye wishyira imbere.

Icya Gatanu, tugomba kwiha by'ukuri Umwuka Wera. Ese iki ntabwo aricyo kintu gikenewe cyane mu itorero? Hari ibintu bitari byiza bikorwa mu bangilikane, aribyo kudaha Umwuka Wera umwanya ukwiriye mu masakaramentu. Ni koko Umwuka Wera afite umwanya mu masakaramentu, ariko kandi Umwuka uhuha aho ushaka ---(Yohana 3:8). Dukeneye kwemerera Imana ikadushoboza gukunda no kwakira Umwuka Wera.

Ububyutse bushingiye mu miryango y'abantu bayobowe n'umwuka ni ingenzi ariko kandi bwaranzwe no gucika mo ibice kw'abagize iyo miryango. Ariko ntabwo dukwiye kubibona nk'aho atari byiza ahubwo dukwiye kubibona nk'uburyo bwo kuduhamagarira kugaruka mu buzima bw'ingenzi bwa gikrisito. Niba twihaye Umwuka Wera, niba dushaka koko izi mpano ndwi z'Umwuka, nibwo tuzabona abantu benshi bera imbuto z'Umwuka Wera. Pawulo mu rwandiko rwe yandikiye Abagalatiya 5:22 no gukomeza aratubwira ati, "Imbuto z'Umwuka ni urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugiraneza, kuba neza, ubwitonzi, kutariganya, no kwirinda." Bikwiye kumenyekana ko ijambo "imbuto riri mu buke". Izi zose uko ari imbuto, zifite ikizihuza aricyo cyiswe "icyibo gito cy'uzuye imbuto". Igihe umuntu yiyeguriye Umwuka Wera, zimwe muri izi mbuto uko ari icyenda ziragaragara, zose ntizikunda kugaragarira icyarimwe.

Urukundo, urubuto rwavuzwe bwa mbere, rwerekana imiterere y'Imana. Urubuto rw'ibyishimo ruboneka iyo umuntu yiyunze n'Imana. Amahoro ni urubuto rwerekana kwiyegurira Imana. Hanyuma hari izindi mbuto ishatu zijyanye n'impano zo mumibereho rusange: Kwihangana, kutariganya no kuba neza. Hanyuma hari izindi eshatu zerekeranye no kwanga iby'isi umuntu akiyegurira Imana: Kwizera, kwicisha bugufi no kwirinda.

IGICE CYA MBERE

IBYAHA BIRINDWI BYICA

Ibyaha birindwi byica: “ubwibone, irari, kwifuza, ishyari, ubusambo, umujinya, n’uburangazi” hamwe n’intwaro, umuti ndetse n’ibisubizo bituma ibibyaha byavaho biribuze kaganirwaho mu bice bikurikira.

Ubwibone

Ubwibone n’uburyo bwo kuvuga ibidakwiye ku bushobozi bw’umuntu ku giti cye. Bugaragarira mu kwikuza no kwirata ibyo umuntu adashoboye kandi atigeze akora. Ubwibone ni icyaha cy’abamarayika baguye ndetse ni icyaha cy’Adamu. Hari ikindu kitwibutsa ubwibone mu Migani 16:18, “Ubwibone bubanziriza kurimbuka kandi umwuka w’ubwirasi ubanziriza kugwa”. Kandi mu 1 Petero 5:5, intumwa yanditse iti: “Wambare kwicisha bugufi---kuko Imana irwanya abibone, ariko igirira ubuntu abicisha bugufi.” Mur’iyi mirongo migufi twifashishije, twibukijwe ibyago bikomeye tuzanirwa n’ubwibone kandi twigishijwe ku mbaraga zo kwicisha bugufi arizo zitwongerera imbaraga mu buntu bw’Imana.

Umenye neza ko, ubuntu atari ikintu kiba mu ijuru gusa, ahubwo ni igikorwa Imana idukorera mu buntu bwayo. Ni mur’ubwo buryo tugomba kumva ko kwicisha bugufi atari ikintu kigayitse. Kwicisha bugufi ni ibintu bibaho kandi bigaragara. Kwicisha bugufi bituma twibona uko turi mu byiza cyangwa ibibi dukorera imbere y’Imana.

Ikintu gihabanye no kwicisha bugufi ni ubwibone aribwo budutera kwikuza, kubera izo mpamvu ubwibone butuma dukora icyaha cyo gusenga ibigirwamana. Butuma twishyira mu mwanya w’Imana. Budutera kwibona. Bushyingira ku binyoma. Mu Isezerano rya Kera no mu Isezerano Rishya, ubwibone bugaragara nko kwanga no kurwanya Imana. Urugero: Muri Zaburi 73:6 dusoma tuti, “Ubwibone ni umurimbo bashyira mu ijosi, gusenya ni umwambaro bakenyera.” Ubwibone budutera kugirira nabi bagenzi bacu. Muri 1 Timoteyo 3:6, dusoma ko icyaha cyo kwibona gishobora gutuma ducirwaho iteka ritewe n’umwanzi Satani.”

Ubwibone ni umubyimba w’igiti cy’icyaha, kandi ibindi byaha byose ni amashami yacyo. Ubwibone budufunga amaso, bukanduza ubwonko bwacu ku buryo tutabona

ubwiza bw’Imana. Ubwibone bwangiriza umuco wo gushima, kubera ko abantu bibona badashimira Imana ku byo yabahaye.

Ubwibone busuzugura kandi bupfobya abandi. Bwishimira ko umuntu yibona uko atari. Kubera izo mpamvu, ubwibone butubuza kumenya ubwiza n’agaciro nyakuri dufite. Ubwibone ntibugirwa inama, ntibuhanwa, kandi ntibushimishwa n’ibyiza by’abandi. Niyo mpamvu, ubwibone bwirata, bukivuga ibidakwiye, kandi bukishyira hejuru. Ubwibone ntibugira ibibushimisha. Bugira kwifuza ibyubahiro bikabije kandi bwirata ibyo budashobora kugeraho. Butuma umuntu yikunda kurusha uko akunda Imana, ibyo bigatuma acumura muby’umubiri ndetse no muby’umwuka. Bukunda ibinyoma kugirango busuzuguze abandi. Ubwibone niryo tangiriro ryo kwigomeka.

Ubwibone bwigomeka ku bugingo bwacu kandi buba mu mitima yacu. Ubwibone butuyobora mu gushyiraho amategeko yacu aho gukurikiza gushaka kw’Imana. Ubwibone bukuzwa kandi no kumva ko twihagije, ko dufite ububashya bwinshi, ko dukora byiza kurushya abandi, kandi ko dufite umumaro. Ingaruka ni imyifatire igayitse ku bandi bantu.

Ubwibone butegeka ko umutuzo wacu, iterambere ryacu, biza imbere ya byose. Butegeka ko twigwizaho kandi tukishyira hejuru; butatuzanira agasuzuguro, uburakari, kwigunga n’agahinda.

Ubwibone buduha buri gihe icyizere cyo kumva ko dufite ukuri bikadutera kwihutira gukosora abandi—Cyane cyane mu ruhame. Ibi bituma dusuzugura ibitekerezo by’abandi, ahubwo tukabategeka gukurikiza ibitekerezo byacu nta mpuwe tubagiriye. Gukeka, kwifuza, n’ubwibone ni bimwe mu bimenyetso by’ubwibone. Ubwibone bwabaye ikigeragezo cya Satana ubwo yageragezaga Yesu- Hagarara ku munara w’urusengero hanyuma usimbuke- Iyerekane.” Ubwibone ni icyaha Adamu na Eva bakoze ubwo Satani yabagerageje, “Kumenya icyiza n’ikibi”; aribyo bisobanura Guhinduka Imana (Itangairiro 3: 4-5). Kuba ubwibone burwanya kandi bukanga gukurikiza gushaka kw’Imana iryo ni ryo tangiriro ryo guhitamo icyaha umuntu akanga ukuri guturutse ku Mana. Ubwibone butuzanira ubwirasi no kwishyira hejuru mu ntekerezo zacu, bugatuma kandi duhata abandi kwakira no gukurikiza interekerezo zacu tutitaye ku byo bashaka kandi bakeneye.

Gukeka ni byo bituranga. Mu Buryo bw’Umwuka turangwa no kwishyira hejuru, kwiyerekana, no kwigwizaho impano zidasanzwe. Bikadutera kumva ko twateye imbere mu by’Umwuka kandi nta ntambe n’imwe twateye. Ishyaka iterambere ritagira ubwitonzi. Niyo mpamvu yiyitirira ubumenyi bwose ariko butagira aho bushingiye. Ndibwira ko twese twahuye n’umuntu uzi byinshi kuri buri kintu kurushya abindi bose bari kw’isi kandi uwo muntu akihutira kutwereka uko twayobye kandi twibeshye akatwemeza ibyo dukwiye kumenya. Gukeka ntabwo gutuma twemera ko ubushobozi bwacu bufite iherezo.

Kwifuza ni urukundo rutagira gahunda rushaka ibishobora kugerwaho cyangwa se ntibigerweho, aribyo- imyanya y'icyubahiro, inzego, cyangwa ububashya. Akenshi abantu bifuza bahinduka abanyabinyoma kugirango bagere kubyo bifuza.

Irari rirangwa buri gihe n'ubwiza bugaragarira amaso. Abantu buzuye irari bahora bibaza uko bakwigaragaza imbere y'abandi. Niyo mpamvu bifata nabi mu gihe bashaka kwigaragaza imbere y'abandi. Uburyo bumwe bugaragaza iyo myifatire yabo ni kuvuga ngo: "Ese mwabonye ko ndi umuntu mwiza!"
Ibi bintu byose- Gukeka, kwifuza, n'irari- cyane cyane kwifuza n'irari, bihora bishaka kuba inkingi y'ibintu n'ibihe byose. Umuntu wokamwe n'ibi byose ahora ashaka kwishyira hekuru.

Gukeka, kwifuza n'irari ni ikimenyetso cy'uwarenzwe n'ubwibone, kandi bihora biharanira gusuzugura Imana no kwifuza uburyo bwo guhinduka nk'Imana. Gushyaka kw'Imana n'umugambi byayo bihabanye no gushaka k'umuntu no kwifuza bye. Mu gihe ibi bimenyetso by'uwokamwe n'ubwibone bimaze kugaragara k'umukrisito, bituma abandi bantu bajya kure y'Imana n'Itorero. Ubwibone n'Irari bishyora umuntu mu kwiyemera no gukabya. Umuntu washegeshwe n'ubwibone ntamenya intege nke ze, ahubwo ahora yizeye kandi yishyingikirije kwibwira ko asumba abandi ku buryo abasuzugura kandi bararemwe mu ishusho y'Imana (Reba Luka 18:9-14- Umugani w'Umufarisayo n'umucungamari). Umwibone ahora ashaka amakosa mu bandi kandi arikunda.

Kwicisha bugufi ni ikinyuranyo cy'ibyavuzwe haruguru byose. Kwicisha bugufi ni ugushyira mu gaciro. Kwicisha bugufi bituma ngaragara nk'uko ndi. Kwicisha bugufi kwemera ko icyiza cyose ari icy'Imana kandi gituruka kuri yo, kandi ko tugomba kwicuza icyaha twakoze kandi tugahinduka by'ukuri. Itegeko rya kabiri ridutegeka gukunda bagenzi bacu nk'uko twikunda. Bityo, tubona ko hariho ikigereranyo cyo kwikunda by'ukuri. Mu by'ukuri niba tutikunda by'ukuri nk'abantu baremwe mu ishusho y'Imana kandi tukaba twarahindutse abana be, ntabwo dushobra gukunda undi muntu cyangwa Imana by'ukuri. Kwicisha bugufi guhora gushaka kugirango tube icyo Imana ishaka ko tuba cyo. Kandi kutuganishya mu kumenya Imana natwe ubwacu by'ukuri.

KWIFUZA

Kwifuza ni "irari ry'amaso." Gushyingiye mu gukunda ibyiza biboneka mu isi, byaba ibya kamere cyangwa iby'ikoranabuhanga. Iyo dutekereje ku mpano rusange, tuba twibukijwe gutekereza ku mwanya rusange nk'uko wagaragajwe na Fransisiko mutagatifu mu ndirimbo z'ibyaremwe. Ibyaremwe byose uko bingana byubaha kandi bishima Imana iyo bibaye uko byaremwe kandi bigakora icyo byaremewe. Tugomba kumenya neza gahunda n'ubumwe biboneka mu irema aribyo byerekana ko tuzi mu ishimo rusange iyo dushima Imana ku bw'ibyo yaremye. Natwe turi mu byaremwe, kandi turiho kubera ibyaremwe kandi nabyo biriho kubera twe. Dushyinzwe kurinda aya mayobera. Mbega abarinzi babi twabaye muri iyi myaka yose ishyize! Byongeye hari ibikoresho byaremwe n'abantu. Ibikoresho mvuga ntabwo ari ibintu gusa ahubwo agaciro

kabyo. Ibyaremwe ni byiza kuko byaremwe n'Imana, kandi hari ibintu byiza bitandukanye natwe dukora.

Umwanya ibi bintu dukora bifata mu buzima bwacu werekana niba tubyitaho cyangwa se tutabyitaho. Tugomba kwibaza impamvu dukenera ibi bintu dukora kandi tukamenya uburyo bikorwamo: Gukoresha abana, ubucakara n'igitugu ni ibintu bibi cyane. Ntabwo tugomba kugura ibikoresho bifitanye isano na byo, cyangwa se kugirana umubano nabakora ibisa bityo, kuko bagirira abantu nabi kugirango babone inyungu zabo. Birumvikana ko ari ikibazo kitoroshye, kuko ikitugaragarira ko ari igihembo gito mu bihugu byateye imbere nubwo twaba dukora ibidakwiye ni igihembo kinini cyane mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, aho gihembo nk'icyo kitabonetse ubuzima bwahagarara.

Igihe urukundo rw'amafaranga n'ibijyana nayo bibaye inkinki y'ubuzima bwacu (kuburyo twakora icyo ari cyo cyose kugira ngo tubone amafaranga kabone n'ubwo cyaba ari kibi), urwo rukundo ruba rwarashinze imizi yarwo mu kwifuza ariko gushyira hejuru gushaka kwacu aho gushyira hejuru gushaka kw'Imana mbere y'ibindi bintu byose. Bityo amafaranga ahinduka ikigirwamana, kandi gukunda ikigirwamana biboneka mu Isezerano rya Kera nko gukora icyaha cy'ubusambanyi mu by'umwuka. Ni ukuri kuko ubusambanyi buvugwa kuri Isirayeli iyo yakundaga ibindi bintu, cyangwa se igahemukira Imana, igakurikira izindi mana n'ububashya bw'ibigirwamana.

Mur'iki gihe tugezemo cy'iterambere, akenshi iki cyaha ntabwo gikunda kugaragarira bose nk'icyaha. Ibihugu byateye imbere bikomeje gukunda ibintu no guharanira kwigwizaho umutungo. Ku mukrisito izo ngeso zose ni mbi cyane. Abakora ubucuruzi bw'iyamamaza bakunda gushyigikira iyo myifatire mibi, niyo mpamvu ibyo bakora bikunda kwibazwaho cyane ku bijyanye n'imico myiza n'imibereho myiza mu bantu. Imvugo, "ubucuruzi ni ubucuruzi", kubera iyo mpamvu ntaho buhuriye n'ubukrisito bwacu ishyingiye ku mico mibi kandi igayitse.

Kwifuza guca intege kandi kwangiriza ibisabwa n'abasenga by'ukuri.

Uburyo dukoreshya ibintu dutunze bugomba kuyoborwa n'ibintu bikurikira:

-Ni ikihe kintu cya ngombwa na ni impamvu ki icyo kintu ari ngombwa?
"Ibintu bya ngombwa mu buzima ni bike", ariko twabirenzeho, ariko se twabirenzeho cyane? Icyo ni cyo kibazo umukrisito wese akwiye kwibaza.
-Ese ibi bintu bifite umumaro, bivuze ngo ni umumara wo kugirira ubuzima bwacu neza, bwo kurushyaho kuwubaka no gukuza neza ubwenge n'intekerezo zacu? Birumvikana ko gusoma ibitabo no kumva umuziki bifite umwanya hano. Ariko se byaba bifata umwanya munini cyane mu buzima bwacu? Ese umutungo mwinshi tubona tuwushora muri ibyo bintu? Mu bintu bitatu, "icyiza, icyiza cyane, n'ukuri", "icyiza cyane ni cyo kintu kigomba kwitonderwa cyane. Kandi abantu benshi bagwa mu byaha iyo bashakisha ibyiza cyane. Biroroshye cyane kutumva ukuri ko ikintu cyiza nyakuri ari icyiza cyo mu mwuka aho kuba icyiza cyo mu butunzi bwose. Kwigwizaho no kwiyemera bituruka

akenshi mu gushakisha ibyiza cyane. Kuri bamwe kwigwizaho no kwiyemera niyo ntego y'ubuzima bwabo.

Muri make kwifuza ni ukwikunda. Kwanduza umwuka kugatera abantu kuba gito. Aya ni amasomo ateye ubwoba dukura mu mugani w'umutunzi muto. Tubwibwa muri Bibilia ko Yesu yamurebye akamukunda cyane. Ese yamuhamagariraga kuba umwigishwa we? Birashoboka. Uyu musore yabwiye Yesu ko yakurikije amategeko yose. Kandi koko yitondeye ayo mategeko yose. Hanyuma Yesu aramubwira ati, "hari ikintu kimwe kibura. Yamubwiye ko agomba gutanga ibyo afite byose hanyuma agakurikira Yesu. Yamuhamagariye kuba umwigishwa we. Ariko Mariko (10:22-23) aratubwira ati, "Yagiye ababaye kuko yari afite umutungo mwinshi." Hanyuma Umwami Yesu abwira abantu bari aho uburyo bikomeye cyane kugirango umuntu ufite ubukungu bwinshi yinjire mu bwami bw'Imana. Byumvikane neza, ntabwo bidashoboka ariko birakome. Ikibazo ni ukumenya ni nde ufite amafaranga n'ubutunzi bwawe? Urayatunze cyangwa yo aragutunze?

Ubwo navaga kumirimo ya diyosezi ya Poleneziya nkajya mu muryango wa Fransisiko mutagatifu mu mwaka wa 1969; mu gihe natunganyaga ibintu byanjye, namenye ko ibintu byinshi nibwiraga ko ntunze kandi ngenzura namenye ko aribyo byari bintunze kandi bintegeka mu gihe kirekire, byari byarantwaye umutima kuburyo byangenzuraga aho kugirango mbigenzure.

Kwifuza bituma dushyira ibintu imbere aho kuhashyira Imana kandi gutuma twifuza ibyo abandi bantu batunze kuburyo dushobora kubagirira urwango kuko bafite ibintu tukaba tutabife. Tugomba kumenya ko ibyo dufite n'iby'Imana yaduhaye bigomba gukoreshwa aho kubikunda. Ariko byumvikane ko kwifuza bitagarukira ku mafaranga cyangwa ubutunzi gusa; ahubwo kwifuza bishobora kuboneka ku kwifuza ubuyobozi, ubutware, icyubahiro ku buryo budasanzwe. Ijambo ry'ikiratini "miser" rifitanye isano no kubura ibyishimo, agahinda, cyangwa se kurwara. Ijambo rijyanye no kwishimisha mu rurimi rw'Ikiratini ni Luxuria, kandi risobanura kurenza urugero no gusesagura cyangwa kwishyira hejuru. Ijambo ry'Icyongereza rivuga kwifuza cyangwa kurarikira rikomoka kuri ayo magambo.

Ese ibintu twifuza kandi atar'iby'ingezi ni ibintu by'ukuri cyangwa dukeneye? Icyo ni ikibazo buri wese muri twe agomba gusubiza. Ubuzima bw'umunezero urenze butuma tudakurikiza gahundu, umubiri wacu ntabwo ukomera nk'uko bikwiye bigatuma dusaza kandi n'umubiri wacu ukagira intege nke. Gushaka ikintu icyo ari cyo cyose cyiza kitarimo Imana ni ukwifuza. Ese biremewe ku bizera Imana kubona ubukungu n'imyanya mu buyobozi batitaye ku byifuzo n'uburenganzira bw'abandi bantu? Ese ni ukuri kwigwizaho ubutunzi tudakeneye?

Kugira ubuntu

Kimwe mu bisubizo byo kutifuza ni ukugira ubuntu. "Mwaherewe ubuntu ni mutangire ubuntu" (Matayo10:8). Imyifatire ituma umuntu atifuza ni ukwitanga. Ibintu bidufasha kugira ngo tutaba mubuzima bwo kwishimisha ni ukwicisha bugufi no gutanga amaturo

y’icyacumi. Mu rwandiko rwa mbere rwa Timoteyo 6:8, tubwirwa ko tugomba gushimishwa n’ibyo dutunze.Turi abacungamutungo twahawe n’Imana, kandi umunsi umwe tuzabazwa imbere y’Imana uko twacunze uwo mutungo.

Irari

Mu mitima ndetse no mu buzima rusange by’abakrisito bavuga ururimi rw’icyongereza harimo imyifatire irangwa n’ubwoba, ikimwaro, imyumvire igoretse yerekeranye n’imibonano mpuzabitsina. Imibonano mpuzabitsina yacu yerekana abo turibo ndetse n’icyo turi cyo. Ntabwo tuziggera tureka kuba iberemwa byifuza gukora imibonano mpuzabitsina. Ubwiza bw’imibonano mpuzabitsina no kubikora mu buryo bwemewe n’amategeko ni ibintu tugomba guhora dushimira Imana.

Irari ni icyaha kigira nabi iyobera ry’urukundo urwo arirwo rwose: Urukundo rw’abashakanye, urukundo rw’inshuti, urukundo mu bavukanye, n’urukundo mu by’umwuka rwa rundi Mutagatifu Aelred w’i Rievaulx yanditseho cyane. Irari rituma abantu batandukanya imibonano mpuzabitsina n’inshingano zijyana nayo. Iyo abantu batangiye gusabana ku by’urukundo bitajyanye n’inshingano zabyo baba bakoresha urukundo mu buryo bubi.

Irari rigaragarira mu bitekerezo, mu magambo no mubikorwa, ndetse no mu bikorwa bibi, ibigayitse n’ibyanduza. Hari ibintu bimwe byo mu gihe tugezemo cy’iterambere bituma irari rikura rigakomeza gusimbuzwa urukundo aribyo bikurikira:
-Ubuzima bwuzuye ibibazo (Abakozi bo mu miryango ikomeye y’ubucuruzi ntabwo bagitekereza ku miryango yabo cyangwa ngo bayihe igihe gikwiye.)
-Ibura ry’ubumuntu hagati mu bantu no kutaba inyangamugayo
-Kutiyubaha no kutubaha abandi
-Umuco ushishikariza abantu gukora imibonano mpuzabitsina kandi utuma abantu babona ko gukora imibonano mpuzabitsina aricyo kintu cy’ingenzi kandi gikwiye mu mibanire y’abagabo n’abagore.

Hejuru y’ibyo byose Idini rya gikrisito rifite inyigisho zerekeranye n’imibanire y’abashakanye. Icyambere muri byose tugomba kumenya ko mu itangiriro ry’amateraniro y’abangilikane yo gushyingira nk’uko aboneka mu gitabo cy’amasengesho rusange, twibutswa ko gushyingirwa ari ikimenyetso “cy’iyobera ry’ubusabane hagati ya Krisito n’Itorero.” Ndatekereza ko izi nyigisho zikomeye (arizo ziha gushyingirwa kwera umwanya wihariye) zititaweho niyo mpamvu, ntekereza ko, gushyingirwa kw’abakrisito kutakiri inkingi y’umuryango mu bihugu by’Uburaya.

Byongeye, impano yo kwirinda ni ingenzi kuri bose: abashyingiwe n’abatarashyingirwa. Kwirinda ni ingabo ituma tudasesagura cyangwa se ngo twiyandarike. Ingero z’ingenzi ebyili zo kwirinda tubona mu Isezerano Rishya, n’ubwo hari izindi nyinshi, ni ingero z’Umwami wacu wahawe umugisha n’Umwari Mariya wahawe umugisha.

Twese tugomba gushishikarira kubana n'abandi mu buryo bwuzuye kandi bw'ukuri. Tugomba kubaha imibiri yacu: imibiri yacu ndetse n'iy'abandi bantu. Umubiri ni urugingo rw'ingenzi mu byaremwe byose. Imiryango yacu igomba kongera kugarura no gukurikiza ingeso nziza zo kwirinda no kwera.

Ubusambanyi ni icyaha kijyanye n'imibonano mpuzabitsina hanze y'abashakanye. Uruhare rw'ibitekerezo, amagambo n'ibikorwa ni ingenzi cyane mu gukuza irari. Mbere na mbere tugomba kwirinda intekerezo mbi zose.

Rimwe na rimwe tugomba kwirika tugahungira ibigeragezo kure cyane. Tugomba kumenya icyo tewolojiya yo kwitandukanya n'iby'isi yise "Ibihe by'icyaha". Ibi bihe byicaha birimo abantu, ahantu hamwe na hamwe ndetse n'ibihe bimwe na bimwe bishobora kudutera gukora icyaha cyangwa se bikatugusha mu cyaha cyangwa bikatuzanira ibigeragezo bikomeye cyane.

Ndashimira cyane Umutambyi Harton kubw'igitekerzo gikurikira, "Ubwigenge bw'ukuri ni ubwigenge bw'ubuzima bwejejwe". Indirimbo ikomeye ya Frances Ridley Havergal, "Akira ubuzima bwanjye bube ubwawe Mwami", yerekana uko ubuzima bwacu bugomba kuba ubw'Imana. Ese twabona dute uko kwitanga? Akenshi dukenye gufashwa n'umuntu udukuriye mu bintu bijyanye n'umwuka, uwo suhobora kuganira na we ku buryo busesuye ntacyo umuhisha. Iyo tubikoze, ntabwo agomba kuducira urubanza ahubwo agomba kutwumva kandi akatwakira nk'uko Data wo mu ijuru yatwumva kandi akatwemera.

Umwami wacu wahawe umugisha mu nyigisho ze zo ku musozi nk'uko biboneka mu butumwa bwiza bwa Matayo, aravuga ati: "Hahirwa abafite imitima iboneye kuko bazabona Imana." Ibi birerekanan ko kubonera cyangwa kwera atari ibyerekeranye n'imibonano mpuzabitsina gusa ahubwo ni umutima utuje kandi ughanze amaso ku Mana. Amaso yawe uyahanze nde? Ufite nshingano ki mu buzima bwawe? Umwami wacu Yesu Krisito we ubwe yarabitwibukije ubwo yavuze ati: "Aho ubukungu bwawe buri ni ho umutima wawe n'intekerezo zawe ziri."

Urukundo, kwirinda, umunezero wo mu rukundo rw'Imana.

Mbere na mbere intwaro tugomba kwitwaza kugira ngo dutsinde intambara turwana n'irari ni urukundo. Twigishwa mu Byanditswe Byera ko ubwiza bw'urukundo buboneka mu rukundo rw'Imana, mu kutwintangira. "Uru ni urukundo nyakuri kuko tutamukunze ahumbwo ko yadukunzse mbere akatwitangira" (1 John 4: 17-20). Tugomba kwambara intwaro yo kwirinda. Gupfa ku byaha ni imyifatire ituma turandura icyaha cyose kiri muri twe cyaba icyaha cyo mu ntekerezo, mu magambo, cyangwa mu bikorwa. Ni imyifatire tugomba kugira mu buzima bwacu bwa gikrisito. Umuti w'ingenzi muri byose ni umunezero uturuka mu rukundo Imana yadukunze. Mu gihe tumaze kumenya agaciro n'igitangaza cy'urukundo Imana yadukunze, tuba twobonye intwaro idufasha kurwanya irari.

Umutambyi Harton avuga ati, “Gutsinda irari ntabwo ari ngombwa guhangana ni ibimenyetso bigaragazwa ni irari, ahubwo tugomba guhangana n’imizi ariryo tangiriro ry’icyaha cy’irari.”

Umuzi wa mbere w’Irari ni ibitugaragarira ku maso. Ntabwo byoroshye buri gihe gutsinda ibi bimenyetso bitugaragarira ku maso, ariko birashoboka. Gukora imyitozo ngororamubiri, kwidagadura, cyangwa kwiruka, ibi byose ni bimwe mu bintu bidufasha kurwanya ibimenyetso by’irari bitugaragarira ku maso.

Umuzi wa kabiri w’irari ujyanye ni intekerezo zacu. Ni ngombwa kandi ni ingenzi guhangana n’ibiva mur’izi ntekerezo. Ubwenge ni bwo muyobozi w’umubiri. Iyo tudashoboye kugenzura ubwenge bwacu, bituma ibishuko byose bidutsinda. Ariko iyo ubwenge bwacu bugenzuwe n’ubuntu bw’Imana, ibyo bigeragezo ntibidutsinda. Kugirango ubwenge bwacu bube bwiza, bugomba kugira intekerezo nziza. Kandi kugirango umutima wacu ube mwiza, ukeneye inyigisho nziza z’umwuka.

Iyo twemeye gutsindwa n’irari, tugomba gusenga. Dusenga kuko tudashaka kwibanda k’ugutsindwa kwacu, ahubwo tuba dushaka kugirango twereke Imana ko turi abanyabyaha. Iyo dusenga tuba dushobora gukomeza kwita ku kintu cyiza cyane aricyo urukundo kandi tuzi ko Imana ari urukundo.

Kurinda amaso abenshi bibwira ko ari imyifatire ishaje kandi itajyanye n’igihe tugezemo, ariko ubu ni uburyo bwiza bwo kwirinda. Itoze kutareba ibikugerageza. Niba irari ryarahindutse icyaha gikomeye, tugomba gusenga tukicuza kandi tukarya igaburo ryera (ariryo tuboneramo umubiri n’amaraso bya Krisito kugirango biduhe imbaraga kandi twere by’ukuri). Tugomba gukomeza gusenga. Irari ridutera ikimwaro. Ikimwaro kidutandukanya n’Imana (urugero ni Adamu na Eva). Kubaho turi kure y’Imana ni bibi cyane kuburyo bisa no kwiyahura, kandi iyo turi kure y’Imana irari riratuneshya.

Gutsinda irari bisaba kutibeshya, kutagwa isari mu bintu bijyanye n’umwuka no gukomeza gukunda imyifatire isabwa n’Umwuka Wera.

Kwera

Umuti wa mbere w’irari ni kuba abera. Umutambyi Harton abisobanura neza mu gitabo cye “Ibintu bigize ubuzima buyobowe n’Umwuka” (urupapu.153). Atwibutsako kwera atari imyifatire igayitse, mibi kandi itagira umunezero. Ahubwo ni imyifatire myiza inezeza umutima. Kwera birenze kure cyane guhora uharanira kutaba uwanduye. Iyo ushatse kwera muri ubwo buryo, uba ubikoze mu nzira igoretse, isenya, kandi mu by’ukuri iganisha ku kurimbuka no mu gahinda. Umutambyi Harton akomeza avuga ati: “kwera ni kwitanga uwo uriwe wose mu rukundo rw’Imana, kugira umutima ukeye. Ni yo nzira umutima wishimira ariko irakomeye isaba kwitanga, gushima no kwihangana.” Harton akomeza agira ati: “Abafite imitima iboneye babona Imana kuko bakunda Imana, kandi urwo rukundo rurigaragaza cyane cyane iyo ari urukundo rw’Imana.”

Ishyari

Intandaro y'ishyari iboneka mu bibazo umuntu agira byo kutizera ko ari umwana w'Imana, cyangwa se kubyizera mu ntekerezo gusa, aho kubyemera mu bikorwa. Mu mubatizo wanjye nagizwe umwana w'Imana. Ibi byerekana ko hari umubano udasanzwe hagati yanjye n'Imana. Imana ntabwo ishobora kudukunda kurushya uko idukunda kabone n'ubwo umwe muri twe yaba ari we muntu uri kuri iy'isi. Iyo twanze kwemera ko Imana idukunda twe ubwacu kandi ntacyo idukeshaho, dutangira kwishimira no kwifuza kuba icyo abandi baricyo n'uko abandi bameze. Ibi bituma twumva ko kuba bakunzwe cyane cyangwa kubera ibyo bafite cyangwa se kubera icyo baricyo bituma tutamenyekana uko turi. Niyo mpamvu ishyari ridutera kwanga abandi bantu kubera impano bafite, ibyo batunze, imyanya bafite cyangwa se intera bateye mu buryo bw'Umwuka.

Rimwe na rimwe mu bihe by'amarushanwa, yaba ayo mu ishuri, mu mikino, cyangwa se mu bindi bintu biduhuza n'abandi bantu, ishyari riba ribi cyane- "riduhindura ibisimba", byongeye kandi ridutera kwangana. Niyo mpamvu muri icyo gihe tubona, ibyiza by'abandi, insinzi yabo, cyangwa se iterambere ryabo nk'ikintu kibi cyane kubera ko bidutera kumva ko twe tutazabigeraho cyangwa se ibyo dufite bidahwanye n'ibyabo. Ibyo byumvikana ko bashaka no kutwambura ibyo twumva ko dufitiye uburengazira.

Ibyo bituma tudashobora kwishimana n'abandi kubyo bagezeho cyangwa se n'umunezero bafite cyangwa se ngo twemere ko hari icyo bagezeho. Ibi bituma tugira agahinda, umujinya, ndetse n'urwango. Iyo ikidutera kugira ishyari ari umutungo wabo, dutangira gusebya ibyo batunze tuvuga ko atari byiza, ko bidakwiye, kandi ko bituma birata kandi ko ari umurimbo n'uburyo bwo kwiyerekana. Ishyari ryiswe ko ari ryo mukobwa wa'imfura wabyawe n'ubwibone. Ishyari riduteka kudashimishwa n'ibyishimo by'abandi, ahubwo rikadutera kwishimira ibibazo by'abandi, amahirwe make, no gutsindwa kwabo.

Ishyari n'ubwibone bifite imizi yabyo mu bwoba kandi bigaragarira mu kwitotomba, kudashima, gusebanya, no kuvuga abandi nabi. Niyo mpamvu, ishyari n'ubwibone bisenya ubucuti n'imiryango. Ishyari risebya abandi kandi rigapfobya ibyiza batunze, kubera ko bya byiza batunze bigaragarira umuntu wese ufite ishyari ko ari inzitizi zimubuza kugaragaza ubwiza bwe n'ubuhanga. Bityo umunyeshyari ahinduka umunyamujinya, avuga amagambo menshi asebanya, kandi ashobora no kokamwa n'urwango.

Ishyari ni icyaha cy'ingutu. Iyo rihishwe ntabwo rikunda kugaragara, kandi rikunda kuba ryiheshe mu mutima w'abantu beza. Ishyari ni icyaha umuntu akorera abandi kandi gishobora gutera abagikora kwitandukanya na bagenzi babo cyangwa gutinya abandi. Ishyari ryashinze imizi yaryo mu bwibone, mu kwikunda, no mu gushaka kumenyekana ko umuntu aruta abanti kandi akomeye.

Ntabwo bitangaje ko umunyeshyari ari umuntu utagira umunezero, uhora yirata ibyo atunze n'impano afite. Umunyeshyari ntabwo amenya agaciro k'impano afite mu gihe

aba yishyira hejuru. Rimwe na rimwe ni ukuri amahirwe n'umugisha bijya ku bantu batabikwiye, niyo mpamvu abantu beza bajya batabyishimira habe no kubyumva. Tugerageza kuvaga tuti: "Ntabwo bikwiye". Iyo batitonze, bashobora kugira umujinya n'urwango kubera ubusumbane buba muri iy'isi. Ariko tugomba kurwanya imyifatire imeze ityo. Kuko iyo tutemeye ko ubusumbane bugomba kubaho mu bantu b'isi, urwango ruratuganza rukaduhindura umugaragu warwo. Kuki twifuza kubaho neza? Kuki dukora akazi cyane? Ese dukora ibi byose kuko ari byiza cyangwa tubikora kuko dushaka kumenyekana cyangwa se dushaka kubona ibihembo?

Mu gihe duhaye intebe ishyari tuba twigirira nabi cyane, bituma tudashobora kumenya agaciro k'impano dufite n'uburyo twakoresha izo mpano kugira ngo twiteze imbere kuko ari byo bintu by'ingenzi tugomba gukora. Byongeye bitera abandi bantu kutugirira urwango cyangwa se tukitandukanya nabo. Abanyeshyari ni abantu bakunda kuba bonyine kandi nta muntu ukunda kubana nabo. Ishyari ritera abantu kwikunda nabi kandi ritera umuntu ubwoba budafite ishingiro bwo kumva ko umuntu adakwiye kandi ko hari abandi bamusumba. Ritera umuntu kwitwara nabi. Ryangiza amahoro yacu kandi ridutera kutumva ukuri. "Ururimi rugereranywa n'umuriro… ikibi gikomeye cyane, kandi rurica" (Yakobo 3:6). Umunyeshyari wifuza kugira ibintu byinshi asebya bagenzi be abavuga nabi. Iyo umuntu akomeje kugira iyi myifatire bimutera kutamenya ukuri. Ishyari ridutera gutuka Imana twibwira ko ariyo idutera kugira amahirwe make. Iyo dukomeje kuba abanyeshyari ntabwo dushobora gukunda Imana by'ukuri, kuko ishyari ryangiza urukundo dukunda abandi aribo bana b'Imana.

Gushima

Umuti ukomeye w'ishyari ni kumenya ukuri kw'ibyiza Imana yaduhaye kandi tukayishimira "imigisha yose yaduhaye mur'ubu buzima n'ibyo yaremye kandi tukayishimira ko ikomeje kubirinda no kubiyobora. Ibi bidutera kumenya neza urukundo Imana yadukunze kandi bikadutera gukunda abandi tukarushaho gukura neza mu by'umwuka. Dukura neza iyo dufitanye umubano n'ubusabane n'abandi kuko ibintu ari magirirane. Iyo tugize ibigeragezo byo kugira ishyari, tugomba gusaba Imana ikaduha kugira impuhwe kandi tugafasha abadafite amahirwe mu buzima bwabo.

Ubufasha bumwe na bumwe buboneka iyo umuntu atekereje k'ukugira neza kw'Imana; Iyo umuntu atekereje ku mugani w'italanta (impano), ifeza n'abakozi bo mumizabibu; iyo umuntu atekereje ku itegeko rya kabili hamwe n'itegeko rishya rya Yesu, "Mukundane nk'uko nabakunze".

Pawulo mutagatifu atwigisha ko "Umwuka Wera aha buri wese ku bushake bwe" (1 Abakorinto 12:11). Ibi bivuze ko Imana iha buri wese icyiza gishoboka. Igitangaje n'uko tureka ibyo Imana yaduhaye tukifuza ibyo yahaye abandi. Niyo mpamvu tudateza imbere impano zacu twahawe n'Imana. C. Petero Wagner, mu gitabo cye yanditse cyitwa "Impano zawe z'Umwuka zishobora gufasha itorero ryawe gukura", atwibutsa ko dukwiye kwizera Imana kandi tugakoresha impano zacu. Icyiza kuri twe ntabwo ari cyiza kuri bose igihe cyose, kandi icyiza ku bandi ntabwo ari ngombwa ngo kibe cyiza kuri twe. Niyo mpamvu tugomba kugira umuco wo kubahana. Ikintu cyose kidufasha

kurwanya ukwiyemera kwacu ni cyiza kuko kidutoza umuco n'imyifatire myiza. Ugushaka kw'Imana ni kwiza, kurera kandi gufite ukuri kandi iyo tukwemeye turushaho kuba abera. Niyo mpamvu tugomba gufata ibyemezo byiza, tugakora ibyiza kuri bagenzi bacu, kandi tukishimana nabo mu bibashimisha. Nidukora dutyo, tuzatangazwa n'uko abandi bazatugirira ubuntu. Ibyo bikorwa byabo bizatuma ishyari ryacu rigabanuka.

Ubusambo

Ubusambo ni icyaha cyo kurya ukarenza cyangwa se kunywa ukarenza urugero yemwe no kwishimisha birenze urugero, ingero ni kureba televiziyo cyane cyangwa gukoresha itumanaho ukarenza. Ubusambo ni icyaha dukora mu bituryohera ku rurimi, mu byo dukoraho, ibyo tubona n'ibiduhumurira. Ibi byose ntabwo bigomba kutugira imbata zabyo ahubwo tugomba kubitegeka.

Ubusambo butuma dushimisha umubiri wacu bikadindiza ubwenge n'umutima. Niyo mpamvu ubusambo butwara imbaraga zacu zose, bityo tugatangira kwifuza no kurarikira. Ibi byose bituruka ku gushaka kwishimisha birenze urugero. Ariko hari igihe ubusambo butuma dukora ibikorwa bitari byiza. Kwikubira bijyana n'ubusambo.

Ubusambo butandukanye n'umuco wo gusarikwa ariyo ndwara y'imyifatire. Gusarikwa kandi gushobora kuvurwa n'imiti. Gusarikwa bituma umuntu agira imyifatire irenze urugero mu byo akora byose. Ubusambo buturuka ku guhitamo gukora ikintu ku buryo bukabije. Bijyanye n'inyota y'ibintu by'isi aribyo bituma ubuzima bwacu bw'Umwuka buhinduka bubi.

Ubusambo buboneka mu gushaka kwigaragaza cyane, mu gukora imyitozo myinshi, cyanga se gushaka kurya iryo zitandukanye cyane. Iyo imiti iyobya ubwenge n'inzoga bijyana n'ubu busambo, ntabwo dutekereza neza. Ikimenyetso cy'ubusambo ni ukwishimisha, gushyira ibyo dukunda n'ibyo tudakunda imbere yo gukorera no gukunda Imana.

Ubusambo bwangiza ubuzima bwacu, budutera kurwana no gutongana n'abandi, kandi ntabwo tugirira abandi neza. Imwe mu migani ivuga ku bisambo, iguva ko "Imana y'ibisambo ari inda" (Abafilipi 3:19). Ubusinzi, nk'uko bizwi, bushora abantu mu busambanyi, kwica, gutongana, n'ibindi byaha bijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Kandi ubusinzi busenya umuryango.

Imyifatire myiza

Umuti w'ubusambo ni imyifatire myiza yo kurya neza ndetse no kwiyiriza rimwe na rimwe n'indi myifatire myiza ituma umuntu ashobora kwitwararika mu bandi bikamutera kwitwara neza. Kwirinda ahantu hari ibigeragezo, ibihe bigerageza, ni ikintu cy'ingenzi mu kurwanya ubusambo.

Kwiyiriza bijyana n'ibyo kurya by'amoko yose, naho igifungo, cyane cyane kuwagatanu, bijyanye no kutarya inyama. Muri rusange kwiyiriza bisaba kugirango umuntu arye rimwe ku munsi. Uwagaratu wo gusigwa n'uwagatanu wera niyo minsi yo kwiyiriza ku

buryo umuntu atagira icyo afata iyo ubuzima bwe bumwemerera. Umusenyeli niwe utanga gahunda yo kwiyiriza muri diyosezi ye kandi ashobora gutanga amabwiriza ajyanye no kwiyiriza kw'igihe kigufi cyangwa kwiyiriza kw'igihe kirekire, iyo hari impamvu igaragara. Abari mu ngendo, abana, abarwayi ntabwo bagomba kwiyiriza nk'abandi bakrisito. Kwiyiriza kandi bishobora gufasha umuntu mu masengesho.

Kubabaza umubiri cyangwa kurwanya irari ry'umubiri nayo ni imyiatire ishobora gufashya umuntu kurwanya ubusambo. Ariko kubabaza umubiri bikorwa kuri gahunda. Iyi gahunda ikorwa iyo umuntu abigiriwemo inama n'umukuriye mu by'umwuka, ariko kandi ni uburyo bwiza bwo kurwanya ubusambo no kurwanya ibyaha bijyanye n'irari ry'umubiri.

Dusabwe kwimenya. Kugirango tubigereho, tugomba kwirinda buri gihe. Umuntu agomba kugerageza kugira gahunda mu buzima bwe bwa buri munsi, urugero ni kugira gahunda yo kurya na gahunda y'imikino. "Imirimo myinshi nta kwidagadura bitera Jack kumererwa nabi. Imikino myinshi nta mirimo itera Jack kuba igicucu."

Mu gihe cyacu, tugomba kugenzura uko dukoresha igihe cyacu tureba televiziyo, tureba amashusho, cyangwa dukoresha itumanaho. Umubiri wacu ni urusengero rw'Umwuka Wera, ni byiza kwiga inyigisho Pawulo mutagatifu yigisha ku mubiri. Iyo umubiri utangombaga kuba wera ntabwo Yesu yagombye kuba yarawufashe ubwo yavukaga kandi ari Imana, ariko yambaye umubiri nubwo ari Imana hanyuma aba muri twe. Yambaye umubiri kandi icyo gihe niho yashoboye kwitangira imibiri yacu. Kumva ko umubiri ari urusengero n'ubuturo bw'Umwuka Wera n'umutima ni ibintu bibili bishobora gufasha umuntu kurwanya ubusambo.

Uburakari

Hari uburakari bwiza umuntu agirira abagizi ba nabi. Ni uburakari buziraho kandi budufasha kugirango turwanye ikibi no kugirano tugihindure kibe cyiza. Uburakari nk'ubu bushaka ibyiza kandi bugira ingaruka nziza. Ariko hari ubundi burakari bubi cyane buzanwa n'umwuka w'uburakari ariwo utuma tutabana neza n'abandi kandi ushobora kutuzanira ingaruka mbi twe ubwacu na bagenzi bacu.

Gregori Mutagatifu aravuga ati, "Mu burakari havamo umujinya, ubwunge burangirika, ibitutsi ndetse n'imyifatire mibi." Gusakuza, gukankamira, gusebya, no kuvaga umuntu nabi ni bimwe mu bintu bigaragaza uburakari bubi. Uburakari buturuka mu ngingo no mu guharanira kugera ku kintu runaka. Bamwe muri twe turakara vuba ariko nta n'umwe muri twe wagombye kugira uburakari bubi.

Uburakari bumwe bushobora kuba buterwa n'ibintu bisanzwe bitagenda neza cyangwa hari abandi bantu badutera kurakara. Ariko uburakari bubi ntabwo ari ubw'ibintu bisanzwe. Uburakari bubi tubwibikamo bukarushaho kuba bubi hanyuma bugatsinda gushaka kwacu bugahinduka bubi kuburyo tudashobora kugenzura ibyo tuvuga cyangwa dukora. Uyu mwuka w'uburakari bubi ni mubi kandi uradusenya kandi ugasenya bagenzi bacu.

Kutihangana nibyo bibanziriza kugaragaza uburakari bubi. Kutihangana ni ikigeragezo kiboneka cyane ku bantu barakara vuba kandi kuri bamwe bashobora kugeza igihe badashobora kwihangana na gato. Ikibazo gikomeye ni umwuka ujyana no guhita uburakarari buganza umuntu. Iyo umuntu ageze kuri uru rwego rw'uburakari ntabwo amenya igihe yarakariye, ahubwo atangira kuvuga nabi, gutukana no gukoresha imbaraga. Uburakari nk'ubu bubabaza abandi kugeza n'ubwo bubakomeretsa ku mutima.

Amasengesho ya mugitondo no kwihangana

Gusenga ubudasiba amasengesho yacu ya mugitondo ni umuti w'uburakari bubi no kutihangana, niyo mpamvu umwanzi satani ahora ashaka kutubuza gusenga. Tugomba kwemera ibintu bitubabaza. Iyo tubyemeye bidufasha gukurikiza gushaka kw'Imana kandi bidufasha kugira kwihangana mu gihe hari umuntu uduteye kurakara. Iyo twemereye kutihangana kuba kimwe mu bintu dukunda kandi dushaka, ubuzima bwacu bw'umwuka buzangirika. Mu gihe tutarabimenya, uburakari bubi buzifatanya no gukunda iby'isi, kwikunda no kumva ko icyo dushaka ari cyo kigomba gukorwa, ubwibone, ubwo nibwo tutazongera kugira amahoro. Iyo gushaka kwacu twagushize mu bindi bintu icyo gihe ibibi byose biratunesha. Gushaka kutari mu Mana gutuma satani adutera icyo gihe ntabwo tuba tugishoboye kugenzura ibyo dukora cyangwa ibyo tuvuga.

Kumva ko wagiriwe nabi cyangwa wahohotewe ni bimwe mu bitnu bigaragaza uburakari. Gusakuza kubera ibintu by'ukuri cyangwa se ibintu bitabayeho wita ko ari bibi kuri weho, gukabya amakosa y'abandi, gushaka kwihorera no gutegura kwihorera ni bimwe mu bintu bizana uburakara bubi no kwangana. Intumwa iravuga iti, "Ndabasaba kubaho mu buzima bujyanye n'umuhamagaro wanyu, mwicisha bugufi kandi mwihangana, mwihanganirana mu rukundo, mugambiriye gukomeza ubumwe bw'Umwuka Wera mu rukundo rukomeye"(Abefeso 4: 1).

Ibintu tugomba gukora

Kugira ngo twirinde gukora icyaha tugomba gukora ibintu bikurikira,

1. Ukurikize amagambo y'Umwami yerekeranye no kwiyunga na bagenzi bawe nk'uko aboneka muri Matayo 5:23 "Mbere na mbere mwiyunge," kandi ukurikize amagambo y'intumwa mu Befeso 4:26, "Ugire uburakari ariko ntucumure, izuba ntirirenge ugifite uburakari."
2. Uharanire kwicisha bugufi- kandi ubishyire mu gusenga kwawe
3. Usenge kugirango Imana iguhe imbaraga n'ubudahemuka bwo guhangana n'intonganyi n'amahane igihe bibaye. Ntugatinde kwiyunga, ugomba kugira icyo ukora ako kanya. Umuntu dufitanye ikibazo ashobora kwanga kuduha imbabazi, ariko niwe uzacirwa urubanza, ntabwo ari twe (inshingano yacu ni kumusanga tukagerageza kwiyunga nawe).
4. Ibuka ko kwanga kwihana cyangwa kwiyunga n'uwo mufitanye ikibazo bisenya umubano mwiza wari ufitanye nawe.
5. Saba Imana ubuntu bwo gufasha abandi, gucisha make no kwirinda ibigushuka.

6. Mu buzima bwa buri munsi, ugomba gufata ibyemezo bihamye kandi bidahindagurika.
7. Reka guhora ushaka ibyo ukunda
8. Haranira kugira kwihangana mu mutima no mu bwenge bwawe. Gerageza kwitonda no kwihangana. “Kwihangana ni imwe mu ngeso nziza abakrisito basuzugura cyane muri iki gihe.” “Mwere imbuto zo kwihangana (Luka 8:15). Ibi bisobanura ko tugomba gukoresha imvugo ya kera ivuga iti, “tegereza ku Mana”. Nk’uko intumwa y’Imana ibivuga muri 1 Petero 3:11, “Mushake amahoro kandi muharanire kuyagira” –ibyo bivuze ko mugomba kuyaharanira no kuyashaka mu buryo bwose bubaho.
9. Tekereza ku bwitonzi Umwami wacu yerekanye. Ukuri n’urukundo birajyana kugirango dushobore kwihangana iyo hagize umuntu udutera kurakara. Iyo dusubije n’uburakara bituma dukomeza kwibuka uburyo twasubije abadutera kurakara kandi tumara igihe kirekire twicuza.
10. Itoze gutekereza ku magambo mbere yo kuyavuga usubiremo neza ibyo ugomba kuvuga kandi wumve neza ko amagambo ugiye kuvuga wayashunguye kandi ko akwiye kandi aboneye.
11. Itoze gushima. Gushima ni ingabo ikomeye idukingira kugirango tutanduranya n’abandi cyangwa tubatekerezeho ibintu bibi bituma turakara. Birakomeye cyane kwendereza umuntu ushima. Ariko rimwe na rimwe birakomeye kubona icyo umuntu ashimira undi. Ariko n’ubwo cyaba ari ikintu gito cyane gishobora gutuma tubona umucyo mu mwijima mbere y’uko tugira icyo dukora. Icyo kintu gito kirakura kigatuma tubona ibintu uko biri.
12. Haranira ingeso nziza yo gushishoza no kwitonda.

Uburangazi

Uburangazi ni ijambo rizwi na buri wese muri twe. Uburangazi ni ijambo rigaragaza ko umuntu afite indwara y’ubunebwe mu by’Umwuka. Nyuma y’ubwibone iyi niyo ndwara ikomeye cyane.

Ubunebwe ni icyaha gikomeye kuri buri wese muri twe mu byaha umubiri wacu ukora. Mu by’ukuri, bitandukanye cyane n’ibyo abakrisito benshi batekereza, ibyaha bikorerwa Umwuka byangiriza cyane kurushya ibindi byaha byose. Ese noneho ubunebwe ni iki? Ubunebwe ntabwo mbere na mbere ari kutagira ishyaka ryo gukora ikintu iki n’iki, ariko akenshi ubunebwe bufatwa butyo. Intandaro y’ubunebwe iri mu kurangara mu by’Umwuka, kutagira imbaraga mu by’Umwuka. Bigaragazwa no kutagira kwihangana no kutirinda ibiyobya n’ibishukana by’iy’isi, bigatuma dutekereza ku by’ijuru gusa aho gutwarwa n’iby’isi (Umutambyi Haring C.SS.R. Mu gitabo Mu itegeko rya Krisito, Umuzingo wa 1, urupapuro rwa 381). Ubunebwe budutera gukunda no kwita ku bintu by’isi bikadutera kwibagirwa iby’Umwuka. Budutera kwanga kwitaba ijwi ry’Uwiteka no kumva ibyo adushakaho. Ibyo bituma tudakora umurimo twahmagariwe n’Imana. Iherezo ni ubuzima bwuzuye ibibazo kandi butagira gahunda.

Kuri bamwe, hazabaho gukomeza gukurikiza amategeko y’Imana no kuyubaha ndetse no gukora ibyo Imana ishaka mu buzima bwabo- ariko badafite umunezero cyangwa ibakwe.

Ibakwe mu byerekeranye n'umurimo w'Imana bivuga ko umuntu ari mu Mana, aribyo kuzuzwa n'Imana. Uku kudatezuka kugaragaza ko umuntu akunda Imana kandi ko ari intahemuka ku Mana no kw'itorero ryayo, ariko rero hari igihe umutima w'umuntu uba waragiye kure y'Imana.

Kwiheba, kugira umutwaro mu mutima, kutihangana, kutita ku nshingano, guhora uhindura gahunda, kuvuga menshi aho gukora ibikorwa, kuba indorerezi, cyangwa se gukunda umurimo ariko utawukora neza, kutamenya uko ibintu buteye kandi bizagenda mu bihe bizaza, kutamenya icyo ugomba gukora, uko wagikora, bigatuma utagira icyo ukora- ibi byose biterwa n'ubunebwe mu by'Umwuka. Hakurikiraho imbaraga nke mu bikorwa ukora- ntumenye icyo ugomba gukora, bituma tutagira icyo dukora. Ibi bishobora kudutera kugira urwango rw'icyiza, icyuzuye kandi gikwiye. Iyi niyo ndwara imunga ubuzima bwacu bw'Umwuka. Ibi bidutera kutitabira ivugabutumwa kandi bikadutera kumva ko guhimbaza Imana ari umutwaro uremereye cyane. Umunebwe ntabwo yakira ubuntu bw'Imana ndetse ntabwo yakira impano z'Imana.

Ese wabonye umugabo wibwira ko ari umunyabwenge? Hari icyizere cy'ejo hazaza ku mupfapfa kurusha uyu wimbwira ko ari umunyabwenge. Umunyabwoba agira ati, "Hari intare mu muhanda, hari intare mu nzira." Nk'uko umuryango ufungwa niko nawe yirukira mu buryamo bwe. Akunda gushyira ibiganza bye mu isahani ariko kubishyira mu kanwa ke bikaba ingora bahizi" (Imigani 26:12-15).

"Imigambi y'umuntu ushishoza imugeza kuri byinshi byiza, ariko umuntu wese wihuta mu bintu akora aruhukira mu bibazo" (Imigani 21: 5)

"Nanyuze hafi y'ubusitani bw'umunebwe, hafi y'umuzabibu w'umugabo utagira ubwenge, mbega ishyamba ryari ryuzuye amahwa, kandi ubutaka bwari butwikiriwe n'ibiti bifite amahwa, kandi inkuta zaguye hasi. Hanyuma ndareba nditegereza; nditegereza hanyuma numva ijwi. Ibitotsi bike, ikiruhuko gito, ubukene buzakuzaho nk'umujura, kandi bugutegeke nk'umuntu ufite intwaro" (Imigani 24: 30-34). Ibi byose ntabwo ari ukuri gusa mu byo dukora ahubwo ni ukuri mu buzima bwacu bw'umwuka.

Ijambo ryiswe 'saccidie' mu rurimi rw'icyongereza rikomoka mu rurimi rw'Ikigiriki rikaba risobanura ubunebwe cyangwa kutagira icyo witaho. Herny wa munane yarisobanuye avuga ati, "Kutagira icyo ukora niyo ntandaro y'ibibi byose".

Umushumba w'iherimasi yarisobanuye avuga ko ari agahinda, kubabazwa mu by'umwuka, ubunebwe. Naho umugani wakera uravuga uti, "Satani abona icyakorana n'abatagira icyo bakora."

Indwara y'umwuka igaragazwa no kudatuza no guhora umuntu ahangayitse yabuze icyakora kigaragara, kudakomera mubyo akora byose, kutagira ubushake, cyangwa ubushobozi bwo kugira icyo akora cyangwa se no gusenga. Ibi ariko bitandukanye no kugira agahinda kenshi gatuma ushobora kutagira gahunda kuko ibi rimwe na rimwe bishobora guterwa no kunywa imiti itandukanye. Rimwe na rimwe ibi byumvikana nko kunywa agahinda.

Musenyeri Fransisiko Pageti mu gitabo cye “Umuco wo kwitonda”, cyanditswe mu kinyejana cya 19 yanditse interuro ivuga iti, “Ibyerekeranye n’ubunebwe bwo mu mwuka”. Ubu nibwo buryo bugaragara bwabayeho mu bangilikani busobanura indwara yo mu byerekeranye n’umwuka. Yasobanuye avuga ko yica umwuka. Ubu ni ubunebwe bukabije cyane. Bugaragazwa n’uburangazi bwo kutita ku nshingano n’imirimo ijyanye n’ubuzima bwo mu mwuka. Niyo mpamvu umuntu akunda kugira umujinya, urwango ndetse no kubeshya. Ibi byerekana ko umuntu aba ava ahabi ajya ahabi cyane. Ubu nibwo buryo bwerekana ko umuntu afite ubunebwe, atagira ibakwe, cyangwa se atagira umutuzo muri we. Rimwe na rimwe agaragaza imyifatire y’umuntu ukunda gukora ariko ntamusaruro aho kugira ngo yishimire akazi ke ahubwo akagira imyifatire mibi ishotora abandi.

Ijambo ry’ikiratini “trisitia” rivuga ko umuntu afite agahinda mu byerekeranye n’umwuka kugeza ubwo atagira ibyishimo muri we. Ubwo nibwo atangira kuvuga ati, “bintwaye iki? Bimbwiye iki? Bimaze iki?” Iyi myifatire itera umuntu kugira umujinya n’agahinda kenshi kuburyo atagendera kuri gahunda. Mu buzima bumeze butya nta munezero no kwishimira ubuzima mu buryo bwo kwidagadura. Ni ubuzima butera umuntu kutagira icyo yitaho no kwitesha agaciro. Umuntu uri muri ubu buzima ntagira icyo ageraho kuko ahora akabya cyane ibigomba kubaho kandi bitandukanye cyane n’ubuzima abamo. Ahora yanga kwitanga kandi ku mpamvu zo kuterekana urukundo yibwira ko adakeneye abandi akumva ko yakwingenga kandi akagira ibindi bintu bimutera kwishima. Igikurikira ni ubuzima bwo kwanga kuyoborwa no kumvira Umwuka Wera aribyo bimutera gusuzugura no kudakora inshingano ze zijyanye n’umuhamagaro yahawe. Ibi bigaragara cyane ku bakozi b’Imana. Imyaka ishize hari Umwongereza wavuze ko abantu cumi na babili bakora cyane kandi bakitangira umurimo n’abantu cumi na babili babanebwe cyane kandi badakunda umurimo bose bari abantu bihaye Imana.

Gucika integege no kutagira ibyishimo biterwa no kutagira inshingano, intumbero, biterwa kandi no kwanga gukora bituma umuntu atagira icyo akunda. “Satani agerageza buri wese ariko umuntu w’indorerezi, utagira icyo akora agerageza Satani.” Niyo mpamvu iyi ndwara mbi cyane itera abantu guhinduka ibirema mu mitima yabo, iyo ndwara ikabatera kudakoresha imibiri yabo kabone n’imbaraga zabo zo mu mwuka ntizikoreshwe. Hari kandi ubunebwe ku bantu badashobora kwihangana. Ubwo bunebwe butera umuntu gutsindwa na Satani, kandi n’umuntu ufite ubunebwe ntabwo agerageza kurwanya umwanzi Satani. Ubu bunebwe bugereranywa n’idebe n’urusaku rwaryo. Butera umuntu kugira agahinda no guhorana umutwaro mu mutima. Umuntu ufite ubu bunebwe akurikiza imigenzo y’idini ariko iyo migenzo nta reme igira muri we kuko ntakwizera kuba muri we. “Bimutera gusenga bidaturutse ku mutima, ntabwo agira umwanya wo gutekereza ku ijambo ry’Imana, ubuzima bwe bw’umwuka burangirika cyane, bigatera umutima kudatuza no guhora ashangayitse” (Harton, urupapu. 155). Ubu buzima butera umuntu gukora ibyaha. Butera umuntu kudakora imirimo ye no kutizerwa. Bushyira gushaka k’umuntu mu gifungo ku buryo uko gushaka gukoreshwa ibyo umubiri ushaka.

Mutagatifu Gregori mukuru yanditse ku gahinda gaterwa n'ubunebwe mu by'umwuka, n'ubwigunge, bitera ububeshyi, umwuka uhora winuba, kutagira imbaraga, no kwiheba (Reba Moralia 31; n'Itegeko ry'Umushumba.)

Asobanura ko ubwo bunebwe mu by'umwuka bugaragazwa n'ubunebwe mu byo twategetswe gukora n'ubwenge buhora bushaka gukora ibyo twabujijwe gukora. Umwarimu wemewe kandi wigisha imyizerere yemewe witwa Mutagatifu Yahona wo mu kinyejana cya gatandatu cyangwa icya karindwi asobanura ko ubu bunebwe mu by'umwuka ari, "agahinda k'umutima n'ubwenge budatuje" aribyo bitera umuntu kudakunda gukora ibyo umwuka ategeka, kugira intege nke mu masengesho, no kudakunda umurimo no gukora. Ahubwo umuntu ahora asebanya, agira ishyari, yikunda, "akererwa kubera ubunebwe no kugira umujinya."

Mutagatifu Tomasi Akwinasi avuga ko iyi myifatire idakwiye iterwa n'ishyari, kandi avuga ko ibi ari ibimenyetso byerekana umutima wayobye uhora wifuza gukora ibyaha udakunda kugira umunezero wa wundi uturuka mu rukundo. Urwo rukondo ruyobora umuntu mu munezero w'Imana, rumuyobora mu guhimbaza Imana no ku munezero uhamye wa wundi uzana urukundo rushoboza umuntu kwikunda no gukunda bagenzi be.

Ariko agahinda ka bwa bunebwe mu by'umwuka ni agahinda kuzuye gushavuza no guhora umuntu yibaza ibyamubayeho, ntikabona icyiza mu byo Imana yateguriye abayikunda (1 Abakorinto 2: 9). Ako gahinda kajyanye no kwifuza, gafitanye isano "no kubabazwa n'ibyiza abandi bafite ariko gutera urwango."Muri make "iki ni igihombo gikomeye gitera umuntu kutagira agahinda ko kwicuza ku Mana n'umunezero uturuka ku rukundo rw'Imana."

Biragaragara, kandi biremerwa ko iki ari icyaha gikomeye cyane kandi cyica aricyo gikura mu mitima no mu bwenge bwacu rwa rukundo rwa gikrisito arirwo rugaragaza ko umuntu akuze mu buzima bwe bwa gikrisito, ariko icyo cyaha kidutera kutakira Imana mu mitima yacu kugira ngo ibe muri twe- za mbuto z'Umwuka arizo, "urukundo, ibyishimo, amahoro" (Abagalatiya 5:22).

Hari icyaha giteye gityo kitaraba ingutu cyane – "kugira ubwoba bidaturutse kubushake cyangwa idaturutse k'ukugira ingononwa cyagwa ikindi kibazo, ubunebwe buturutse k'ugukomeza kwibwirako umuntu adakwiye'. Kwanga icyiza n'igikunzwe- aricyo imbaraga zitagabanije zizakomeza gushyira hejuru mubuzima bukwiye" (Pageti, urupapu.17).

Urukundo rudakwiye ruterwa n'ubunebwe mu by'umwuka. Inyandiko ya Chaucer yiswe "Inkuru ya Parson" mu gitabo cyiswe 'Amakuru y'i Kantebari' atubwira ko, "umujinya niwo ntandaro y'ubusambo ndets en'ubunebwe mubyerekeranye n'umwuka". Chauser avuga kandi ko icyo ari cyaha cyiswe "icyaha cyaboze"- icyo ni icyaha gitera umuntu kwanga kwicuza, gitera umuntu kutagira icyizere, kandi nticyihanganira ubuntu bw'Imana.

Mbere y’uko tugera ku bintu bidufasha kurwanya ubusambo n’ubunebwe, reka turebe umuvugo wa Robert Louis Stevenson yise ‘Umuganga wo mu ijuru ubaga abarwayi’
Niba nakoze ibyaha byinshi cyangwa bike
Mu murimo wanjye ukomeye w’ibyishimo;
Niba naratembereye mubo tuvukana
Sinerekane ibyishimo mumaso hanjye uko bukeye;
Niba ibyishimo bigararagara mu maso h’abantu,
Bitigeze binshimisha, niba ikirere cya mugitondo,
Ibitabo n’ibyo kurya byanjye, imvura y’umuhindo,
Byaranyagiriye ubusa:
Mwami, wemerere ibyishimo bituruka iwawe;
Byinjire mumutima wanjye biwubyutse,
Yewe Mwami niba ndi icyigomeke,
Umpitiremo mbere y’uko umutima wanjye upfa,
Umubabaro ukomeye, icyaha cyica,
Hanyuma ubyinjize m mutima wanjye wapfuye.

Umuti: Muri make hari umuti cyangwa uburyo umuntu yarwanya ubunebwe na bumwe muri ubwo buryo ni ubu bukurikira:

1. Gutekereza ku nyigisho Yesu yabwiye abigishwa be zerekeranye no guhirwa kuko mur’izo nyigisho habonekamo uburyo umuntu yabona umunezero nyakuri.
2. Gukenera cyane kongera ibyishimo.
3. Kwibuka inshingano zacu kandi tugashaka kuzikurikiza mu buryo bwiza tubifashijwe n’ubuntu bw’Imana.
4. Gusaba Imana mu masengesho kutwongerera ishyaka rikomeye mu mitima yacu no mu bwenge bwacu.
5. Gushaka uburyo bwose bushoboka kudufasha gukora akazi gatandukanye kuko ibi byadufasha kwirinda gukora icyaha cyo kwisuzugura aricyo cyaha giterwa n’ubunebwe.
6. Gukoresha neza igihe cyacu cyo kwidagadura kuko ibi bidufasha kwirinda kugira urutonde rurerure rw’ibintu tudakora ariyo myifatire ijyana n’ubunebwe.
7. Kugenzura intego zacu neza kugirango twibaze niba zigerwaho cyangwa niba zirenze ubushobozi bwacu, kuko biturinda gutsindwa. (Rimwe na rimwe dutsindwa kubera impamvu zo kutagenzura neza ibyo dushaka kugeraho). Kandi tukagenzura ko izo ntego zikwiye kuko iyo zidakwiye ntacyo zitwungura.
8. Gutsinda ubuzima bwacu bwo mu mwuka ndetse no mu mubiri ariko tukabikora twifashishije gahunda nziza ijyanye no kwirinda. Mu gihe dukora ibyo kandi tugomba gutekereza ku rukundo rw’Imana n’amasezerano yayo, twibuka ko Imana isohoza aamasezerano yayo, urukondo rwayo rutabeshya kandi ariyo kwizerwa kandi ari Imana y’ukuri.
9. Kwita cyane kandi dusenga ku nyigisho zikubiye mu migani y’abari babanyabwenge n’abapfapfa, inyigisho z’impano cyangwa se italanta.Wibaze niba iyo migani igucira urubanza.
10. Tubifashijwemo n’umuyobzi mwiza dutegure amategeko y’ubuzima tugomba kugenderaho kandi tuyakurikize. Amategeko y’ubuzima ntabwo agomba kuba akomeye kuburyo bidashoboka ko twayakurikiza kandi ntabwo agomba kuba

yoroshye cyane kuburyo ntacyo atwigisha. Kuko amategeko yubuzima ari uburyo bugaragara bwo kwitura Imana no kuyitura ibyo dufite byose n'ibyo tuyikorera. Agomba kugenzurwa buri kwezi kandi agomba kuba akubiyemo ibyotwifuza kugeraho, kandi ibyo nibyo tutagomba gutsinda tubifashijwemo n'Imana.

11. Gushaka cyane impano yo kwizera no gukomeza umugambi wo kwihangana ariwo udufasha kugera ku nsinzi no gukomeza urugendo.
12. Gutekerza ku kiguzi cy'agakiza kacu. "ntabwo twaguzwe ifeza n'izahabu", nk'uko intumwa ibivuga, "ahubo twaguzwe amaraso akomeye y'Imana". (1Petero 1: 18-19). Yadukunze bikabije byatumye atwitangira bikabije. Gutekereza cyane kuri Yesu ari ku musaraba ni uburyo bukomeye bwo kutareka urukundo rw'Imana.
13. Shaka ubifashijwemo n'ubuntu bw'Imana kuzana ibyishimo n'umunezero mu bantu. Umutambyi Cotun yavuze umunsi umwe ati, "Reka tujye kuri we, mutima wanjye, n'umurava mwinshi." Mutagatifu Pawulo nawe avuga ko tugomba gukomeza urugendo tukagera ku ntego. Amagambo y'umutambyi Cotun na mutagatifu Pawulo yose ashimangira kwihangana mubyo dukora kubw'imbaraga n'ubuntu bw'Imana.
14. Kureba k'umubabaro n'agahinda by'isi no kwibaza n'impamvu ki tugira umubabaro?
15. Kugira icyo umuntu akora cyangwa uwo afasha. Niba uzi amagambo avuga 'umwanya w'umwanditsi' uzibuka ko uburyo bwo kurwanya iyo mibabaro ni gufata umwanya ukicara hanyuma ugafata imashini yandika cyangwa mudasobwa hanyuma ukagira icyo wandika yemwe n'ubwo cyaba kitagira ireme. Urugero, ushobora kwibaza uti, "kuki nicaye hano kandi ntiteguye kwandika?' Mu gihe watangiye gukora ibyo uba watangiye kwandika. Hanyuma ushobora gukomeza.
16. Gutekereza k'ugushima mbere ya byose, nk'uko tuvuga mu gushima rusange kubw'iyobera ryo gucungurwa kwacu: dutangira dushima Imana k'ubw'urukundo rwe ruhebuje mu gucungura isi ibinyujije mu mwana wayo. Wibuke ko icyo dukeneye kurusha byose ni impano isumba byose, urukundo, arirwo Pawulo mutagatifu avugaho mu 1 Abakorinto13 arirwo turibuze kuganiraho mu mwanya.

IGICE CYA KABILI

IMPANO NDWI ZUZUYE UBUNTU BW'IMANA

Impano ndwi zuzuye ubuntu zirimo ibice bibili by'ingenzi: Impano zuzuye ubuntu za tewolojiya n'impano z'ingenzi. Impano eshatu zuzuye ubuntu bw'Imana ni kwizera, ibyiringiro, no gufasha abatishoboye cyangwa urukundo. Impano enye z'ingenzi ni ubutabera, ubwitonzi, kwirinda no kwihangana. Turaganira kuri buri mpano mur'izi.

IMPANO ZUZUYE UBUNTU ZA TEWOLOJIYA

Impano zuzuye ubuntu za tewolojiya arizo: Kwizera, ibyiringiro, no gufasha abandi cyangwa urukundo ni impano zikomeye zavuzwe na Pawulo mutagatifu mu 1 Abakorinto 13.

Kwizera

Imana ikomeye, butatu butagatifu, ni we tugomba kwizera kandi ibi ntabwo ari ibintu tugomba kumenya gusa. Nk'uko bisanzwe, impano nziza yo kwizera idufasha kumenya icyo Imana idushakaho cyangwa itubwira. Kugirango dukomere mu kwizera, tugomba gukora imirimo yo kwizera. Ibi ni ya magambo tuvuga nka 'Yewe Mana yanjye ndakwizeye kuko uri umunyakuri' cyangwa amagambo nka 'Yewe Mana yanjye ndakwizeye n'umutima wanjye wose n'ubwenge bwanjye bwose.' Dushobora no kugira amagambo yacu yerekanako twizera Imana no gukora ibikorwa byerekana ko twizera Imana kandi tugakunda kubikora. Uku gusubiramo kwerekana ko duhanze amaso yacu ku Mana kandi kudufasha kongera kwizera kwacu.

Ubwiza bwo ku mutima ni ubuntu buhoraho budufasha gukura mu buzima bw'umwuka kandi butwongerera imbaraga z'umwuka kandi bukaduhatira kuba beza no gukora neza. Mu1 Abakorinto 13, Pawulo avuga neza ko kwizera, kwiringira no kugira neza ni impano zizahoraho iteka ryose. Izi mpano tuzibona mu gihe cy'umubatizo. Tugomba kuzikoresha, tukazishaka, tugaharinira ko ziyongera, kandi tukazemerera kuganza muri twe zigakura. Mu gihe tudafite izi mpano, impano zacu mvukanano ntacyo zitumarira.

Nta masomo, cyagwa amashuli menshi ashobora kuduhuza n'Imana ahubwo ni gushaka kw'Imana. Ubuzima bwa Yesu, umwami n'umukiza wacu, bwinjiye muri twe kugirango tube umwe n'Imana. (Reba Yohana 15). Hari isengesho rikunda gukoreshwa n'abatambyi mu gihe bayobora igitambo cya misa cyane cyane mu gihe bavanga amazi na divayi batanga igitambo rivuga riti, "Wowe Mana waremye byose kandi ugakomeza kuduha ubumuntu, kubw'iyi divayi n'amazi utwemerere dusangire ubumana bwa Yesu Krisito we wasangiye natwe ubumuntu bwacu." Aya magambo aduha ukuri kose kujyanye na tewolojiya.

Umwuka Wera, aba muri twe, kandi akaba umugaba w'ubugingo: ubw'umwuka, ubw'umubiri n'ubw'ubwenge adusaba kandi akatuyobora mu gukoresha izi mpano nziza kugirango tubeho dushimisha Imana. Mu gihe twakira izi mpano zituruka ku Mana, nibwo gushaka kwayo gukomeza kugwira muri twe kandi tukarushaho gukomera. Ubwo nibwo kwizera kuva mu magambo kugatangira kujya mu mubano wacu n'Imana. Norman Pittenger yigeze kuvuga ati, "Kwizera ni igerageza rirangirira mu kamenyero." Niyo mpamvu urukundo ruva mu mamagambo ahubwo rukagera mu kwitanga, hanyuma ibyiringiro bikava mu kwifuza bikagera mu kuri nyakuri "Yesu muri njye ni byo byiringiro nyakuri." Mu 1 Abakorinto 12: 31 mutagatifu Pawulo avuga ati, "Muharanire impano zo hejuru." Tugomba kwiga guharanira impano, gukunda impano no gusangira impano. Umutambyi Harton (urupapuro rwa 32) aravuga ati, "Kwizera ni impano y'umwuka, ntabwo ari gahunda y'uko umuntu atekereza." Ibi ntabwo bivuze ko ibitekerezo nta mwanya bifite mu kwizera ahubwo birerekana ko ubushobozi bw'ibitekerezo bufite aho burangirira. Ukuri kw'iby'umwuka ntabwo kugaragazwa n'ikoranabuhanga cyangwa ubumenyimuntu: "Ibintu byo mu mwuka bimenyekana mu mwuka."

Umwanditsi w'igitabo cyiswe 'Igicu cy'ikitazwi' avuga ati, "Mu gushaka kumenya Imana ntabwo twayimenya yose habe na gato, mu gukunda Imana bidutera kumenya Imana rwose." Ukuri nyakuri kubonerwa mu by'umwuka kandi ubumana tububonera mu gusenga no kwiga ku bijyanye n'Imana. Bikorerwa muri twe n'amasengesho, Ibyanditswe Byera, n'amasakaramentu. Kwizera kuduhesha ubushishozi mu bintu by'umwuka. Imana yimenyekanisha ku mwuka mu kwizera. Kwizera ni ko kutugeza ku bumenyi nyakuri, aribwo Mana, aho kuhagezwa n'ubumenyimuntu. Intumwa Pawulo avuga ati, "twakijijwe kubwo kwizera."

Mu rwandiko rwa Yuda ni ho honyine mu Isezerano Rishya ijambo kwizera ryakoreshejwe ryerekana uko umuntu yizera. Yuda avuga ati, "murwanire kwizera kwahawe abera", tuvumbura inyito ikomeye zo kwizera mu mavanjiri mu gihe Yesu yavuze ati, "Jyana amahoro y'Imana, kwizera kwawe kuragukijije." Aha Yesu yavuze ko ikiduha gukira n'imibanire yacu nawe no kumva tugakurikiza ibyo atubwira (aribyo twakwita kwizera). Igisubizo cyacu kuri we no kwemera imbaraga ze zikiza: nibyo bidukiza. "Kwizera ni igerageza rituzanira ubumenyi"- ubumenyi bw'Imana. Kwizera kudushoboza kwegera Imana. Kwizera ntabwo kudufasha kumva cyangwa kwizera ibidashobora kwerekanwa aribyo bise amayobera, ahubwo kudufasha kwakira ibyo twahishuriwe.

Ibyiringiro

Niba tugomba kwizera ubutatu butagatifu, icyubahiro cy'Imana nicyo tugomba kwiringira. Abahebulayo 6:18-20 haravuga hati, "dushobora kugira imbaraga nyinshi zo kugera ku byishimo byatugenewe. Ibi tubifite nk'ukuri kandi ni inkingi y'umutima wacu, ibyiringiro bigera ahera cyane aho Yesu yagiye kugirango natwe tuzamusangeyo." Noneho ibyiringiro ntabwo ari ibyifuzo bitagira ishingiro, ahubwo ni ukuri gufite ihame. Ibyiringiro bidufasha kujya imbere aho icyiza kiri. "Hatariho ibyiringiro, imbaraga zipfa

ibusa kandi ntanubwo dushobora kuzikoresha, kandi abatagira ibyiringiro ntabwo bashobora kwihangana mu murimo wose bakora."

Impano nziza y'ibyiringiro ifasha gushaka kwacu ikagutera gukora neza kugirango kugere ku ntego y'ibyiringiro ndetse no kumizi yayo, ariyo Imana. Niwe mahirwe yacu-ntabwo ariwe juru. "Twiringira Imana ko dushobora kubana nawe" nawe akuduhindura abe iteka ryose (Harton, urupapu. 45). Ubwo nibwo tugera kucyo Imana yagennye ko tuzaba. Intego yacu ntabw' ari ijuru, ahubwo ni Imana yacu kuko muri yo "turiho, turagenda, kandi niho dukesha kubaho kwacu." (Ibyakozwe n'intumwa 17:28). Niwe munezero w'umutima wacu.

Niyo mpamvu kwizera ari impano nziza yo kwiyizera, kwiteganyiriza, no kumenya bidakuka. Kwizera kutuyobora mu nzira nziza. Kwizera kudufasha gukura. Kudufasha kujya ku Mana. Guhabanye n'ibyifuzo by'isi no gushaka umunezero w'isi aribyo bitera abantu kudashimishwa n'ibyo batunze. Kwinezeza kabone n'ubwo byaba mu bintu bitadutera gukora icyaha n'iby'igihe gito. Ntabwo bishimisha umuntu by'ukuri habe no kumuha umunezero uhoraho. Iyo tubimenye dushyira ubuzima bwacu ahantu heza kandi hakwiriye. Tubibona nk'uko biri. Ibyiringiro biha ubuzima bwacu ireme. Ibyiringiro bifasha gushaka kwacu mu gukora ibikorwa bifite intego kandi Bizana inyungu aribyo bitwerekeza ku Mana nk'umunezero wacu w'uzuye kandi uhoraho" (Harton, urupapu. 47). Mu rukundo haturukamo imbaraga no kwihangana. Hatariho ibi ntabwo dushobora kujya imbere. Kandi bitariho ntakwihangana tugira. Niba kwizera kuduha kubona Imana, ibyiringiro bituzanira kwa gushaka gutuma tugira kwizera ko kubona Imana n'umutima wacu wose ndetse n'imbaraga. Uko dukomeza niko kwizera no kwiringira biganza muri twe. Uko kuganza guterwa n'uko dukorana n'Umwuka Wera binyuze muri gahunda y'imyifatire myiza mu buzima bwacu bw'umwuka kandi gukomeza kwiyongera iyo twemereye ibyiringiro kugira umwanya muri twe. Ariko iyo tutakwitayeho ntabwo gushobora kubaho. Ibyiringiro biriyongera iyo dukomeje gukunda Imana no kuyimenya. Ubu bumenyi buboneka kandi bugashyimangirwa no gusoma Ibyanditswe Byera, amasengesho, cyane cyane gutekereza ku byanditswe byera no kwitegereza iby'Imana yakoze, kwiyiriza, ubuntu bwo gufasha abatishoboye, no kwakira amasakaramentu.

Dushobora gukura iyo dufite ibyiringiro kandi dusenga. Icyo gihe dushobora kumenya ireme ry'ingeso nziza za tewolojiya arizo kwizera, ibyiringiro, no gufasha abandi hamwe n'uburyo umuntu agenzura izo ngeso nziza mu buzima bwacu bw'umwuka. Ubufatanye hagati y'izo ngeso nziza nibyo bidushimisha. Iyo tutabyitayeho tugwa mu mutego wo kwiheba. Kwihangana kwacu guturuka kuri izi ngeso nziza. Iyo twifuza Imana no gushaka kwayo duhinduka abana b'ibyiringiro. Abantu batangira akenshi ntibagira ibyiringiro. Ibi bishoboka iyo rimwe na rimwe umuntu atazi neza icyo agomba gukora. Twese dukeneye kwihana no kwicuza ibyaha byacu niba tugomba gukura. Rimwe na rimwe kwiheba bidutera kutagira ibyiringiro, kwigunga, kabone no mu bintu by'umwuka, noneho kwita cyane ku makosa no gutsindwa byacu bidutera kunanirwa. Nibwo dutangira kuvuga tuti, " uyu ntabwo ari njye." Kugirango tutiheba tugomba kwita ku Mna no k'ugushaka kwayo no guhitamo kujya dushima umunsi k'uwundi.

Kuri bamwe muri twe bamaze igihe kirekire muri iyi nzira, ubuzima bwacu bumaze kumenya icyo umunezero mu mwami wacu aricyo, ubwo nibwo ibintu by'isi biba byaratangiye guta agaciro mu buzima bwacu. Kwiyizera no kwizera Imana biba byaraganje mu buzima bwacu kuko twamaze kumenya by'ukuri intego yo kubaho kandi tukaba twaratangiye kubona icyo ubuzima bwacu bwashatse kugeraho. Ibyiringiro bihindura ubuzima bwacu. Bidufasha kongera guhitamo ibintu by'ingenzi tugomba gukora. Twemera neza ko Yesu ariwe nzira kandi niwe tugenderamo. Intego iragaragara. Ibitubabaza byose munzira tubibona nk'ibintu bidufasha gukomeza urugendo, ibintu byongera ubwiza bw'ibintu dukora, ibidufasha kugera ku ntego. Ariko dushobora kugira ibibazo, dushobora kubabazwa n'umwanzi satani udutera kubabara no kurakara. Ariko tugomba kumenya ko Yesu yatsinze intambara kandi insinzi yarabanotse. Umwami wacu yavuze cyane ati, "birasohoye". Irangira ry'ibihe rirageze. Ibi ntabwo ari ibintu byo kuvuga gusa ni ibyo kwizerwa n'ubwo ibyo tubona bitatwemerera kwerekana ko ari ibyo kwizerwa. Ibyiringiro bidufasha gukomeza kubaho mu buzima dufite n'ubwo haba harimo ibibazo. Ibi bidufasha kwirinda kwiyizera kuburyo twabona ko turi mu mwuka tugatangira kwirara no kubona ko turi beza cyane ko ntakibi dukora bikadutera kutagira icyo dukora kidufasha gukura mu buzima bwacu bw'umwuka. Ibyiringiro bidufasha guhagarara dushyikamye n'ubwo twaba twakoze icyaha cyangwa se dufite intege nke kubera ko ibyiringiro byacu biri ku Mana.

Iyo habayeho ibihe bikomeye, iyo ubumenyi butangiye gushyira, nibwo dutangira kumenya ko ibyiringiro aribyo nkingi y'ubuzima itanyeganyega kandi y'ukuri, idufasha kubana n'Imana n'ubwo tubona ko Imana itari hamwe natwe. Ibyiringiro bidufasha gukomeza intego yacu- ariyo: ubuzima buhoraho hamwe n'Imana. Ibyiringiro bishyingiye ku mbaraga n'ubwiza bw'Imana. Ibyiringiro ntibinyeganyega kuko bidashyingiye kuri twe. Ntabwo twashyiraho ibyiringiro. Ibyiringiro ni impano nziza ituruka ku Mana. (Reba 1 Abakorinto 13).

"Imana niyo munezero n'amahoro by'ukuri, niyo mpamvu ntacyo tugomba gutinya. Hashobora kuba hari umwijima, igihu, gutsindwa n'intege nke, ariko tuzatuza kuko tumuzi ko ariwe mahoro yacu, buhungiro bwacu n'impano yacu y'ukuri." (Harton, urupapu. 50) Ibyiringiro bituruka ku Mana kandi dutegereza ku Mana inkunga yo gukura no gukomeza tukagira ibyiringiro kugeza aho tuzabona ibyiringiro bihamye mu ijuru. Duhamagarirwa gukorana n'Imana kuko ariyo mutanga w'ibyirigiro n'ishingiro ryabyo. Ibyiringiro bidutera gushaka Imana. Ibyiringiro bidufasha gushaka utanga impano aho gushaka impano ubwazo. "Ubu nibwo bugingo buhoraho, kugirango bakumenye, wowe Mana y'ukuri yonyine, na Yesu Krisito uwo watumye" (Yohana 17:3).

Ibyiringiro bidufasha mu gukura mu kwera kwacu:
-Biduhuza n'Imana kandi bikadufasha kumenya intego yacu. Aha ntakintu gihoraho kiriho yangwa ikintu kitagira inenge.
-Ibyiringiro bijyanye no kwicisha bugufi bidufasha gutegereza ibisubizo biva mu masengesho yacu (Umubwiriza 2:12-14). "Abonye ishyano amavi afite intege nke n'ibiganza bitengurwa n'umunyabyaha ugundera mu nzira ebyili. Afite ishyano ufite umutima woroshye. Ntabyiringiro agira, niyo mpamvu Imana itazamurinda. Ufite

ishyano wowe wananiwe gukomeza urugamba, ese uzakora iki ibikomeye nibikugeraho?" (R.E.B.)
-Ibyiringiro bituyobora mu bikorwa bizana umusaruro mwiza. Bituzanira ibyifuzo bidacumuza, bituzanira imbaraga zidutera gukomeza guharanira ibihembo byacu byo mu ijuru. Bitwibutsa ko tugomba kugira ubwitonzi kugirango tudakurikira ibitagira umumaro. Ibyiringiro bituzanira kwihangana n'umwuka udatezuka ku ntego. "Niba Imana iri kumwe natwe umubisha wacu ni nde?" (Abaroma 8:31). Yohana 16:23 atwibutsa ko ibyo dusaba bijyanye no gushaka kw'Imana tuzabibona.

Iyo tugize ibyiringiro twubaha Imana kuko dushyira icyizere cyacu cyose mu Mana. Kandi iyo dutanze ubuhamya bwerekana icyizere dufite mu Mana, ibyiringiro byacu birushaho kwerekana ko twamumenye by'ukuri. Ibyiringiro bibyutsa ugushaka kumenya Imana kuba kuri muri twe, kandi uko gushaka kukarushyaho kugira imbaraga n'umurava byo kumenya Imana. Ibyo nibyo bidutera kuyubaha no kudatezuka ku ntego yacu ariyo Imana cyangwa kumenya Imana. Ibyiringiro bidutera gukomeza intumbero yacu. Ariko kugirango ibyiringiro byacu byiyongere tugomba gutekereza k'ubwiza bw'Imana n'ububasha bwayo. "Turi umurima w'Imana, inyubako ye" (1 Abakorinto 3:9), "Kubw'ubuntu bw'Imana ndi icyo ndicyo." (1 Abakorinto 15:10). Gukorana nawe (Krisito)…ntukakirire ubuntu bw'Imana ubusa" (2 Abakorinto 6:1). "Kwibagirwa ibyo twasize inyuma tugahanga amaso yacu ibir'imbere, nkomeza gukorera ikamba, igihembo cyo guhamagarwa n'Imana muri Yesu" (Abafilipi 3:13). "Akira uruhare rwawe rw'umubabaro nk'umusirikare mwiza wa Yesu Krisito" (2 Timoteyo 2:3). "Benedata muharanire guhamya guhamagarwa kwanyu muri Yesu, kuko nimukora ibi mutazatsindwa" (2 Petero 1:10). Ibi byose bishoboka kuko hariho ibyiringiro. Ufate umwanya wo gutekereza ku magambo n'inyigisho z'umunsi w'Izamuka rya Krisito ndetse n'icyumweru gikurikira uwo munsi w'ijyanwa mu ijuriu rya Yesu, kuko izo nyingisho zerekana inyigisho za tewolojiya nyinshi kandi zikerekana inyungu zo kugira ibyiringiro.

Kugira neza cyangwa Urukundo

Kugira neza ufusha abandi niyo mpano y'ingenzi duhambwa n'Imana. Uyu niwo muti ukomeye cyane wadufasha kurwanya ubusambo n'ubunebwe. Gufasha abandi bidufasha gukunda Imana ndetse na bagenzi bacu. Iyi mpano igaragaza ko urukundo rwageze ku ntera ndende cyane. Kandi iyi mpano itera umutima wacu kwegera Imana. Tugomba gutandukanya urukondo ruturuka ku myumvire yacu n'urukundo nyakuri ruturuka ku Mana arirwo rujyana no gutekereza kandi rugashyira ibintu mu buryo. Uru ni urukundo rufite icyo rushingiyeho. Ariko urukundo rw'abakrisito ni urukundo ruva mu ijuru kandi ruboneka iyo umuntu yizeye. Kwizera kutuzanira ubumenyi bw'urukundo rw'Imana arirwo rubonekamo:
-Kugirira abandi impuhwe- kubana neza n'ibindi biremwa.
-Gushaka nyako guturutse muri twe kutujyana ku bantu bakunzwe n'Imana no ku Mana ariyo rukundo (1 Yohana).
-Guhuza umutima n'ubwenge bwacu aribyo bidufasha mu gusangira n'abandi ibyo dufite.

-Ibyishimo n’umunezero aribyo bifasha umutima n’ubwenge bwacu kuba ikintu kimwe n’uwakunzwe kandi ibi bidufasha kugira umubano mwiza n’Imana ndetse tukagira umubano mwiza n’abantu. Urukundo rw’abakrisito ni urukundo ruturuka ku Mana kandi ni rwo rugenga izi mpano zose. Binyuze mu mpano nziza yo gufasha abandi, ariko iyo mpano igaturuka mu gushaka no ku buntu bw’Imana, urukundo rwacu rugera ku ntera ndende cyane ariyo:
-Kwitanga
-Gukunda Imana no kuyikorera wivuye inyuma
-Kwishyira mu Mana.
Impamvu yo kwiyeza mu byo dukunda byose ishysingiye mu kwizera dufitiye Imana n’abagenzi bacu kandi natwe ubwacu. Icyo dukunda gihinduka ikintu cyangwa umuntu udasanzwe iyo tumenye ko Imana ariyo tugomba gukunda kurusha ibindi bintu cyangwa abandi bantu kandi muri yo dukunda bagenzi bacu ku mpamvu ziturutse ku Mana. Tugira ikibazo iyo dutandukanya urukundo dukunda Imana n’urundi rukundo dukunda abandi. Ibikorwa byose byo gufasha abandi ni urukundo ariko urukundo rwose ntabwo rutuyobora mu gufasha abandi. Gufasha abandi ni impano ya tewolojiya ituyobora mu gukunda Imana. Dukunda Imana kuko yadukunze mbere, kandi dukunda Imana kurusha ibindi bintu byose bibaho ku mpamvu z’Imana. Urukundo rushakisha uwakunzwe ariwe Yesu, rushaka utanga imigisha aho gushaka imigisha. Mu gihe twihaye Imana, iyo Mana idusesekazaho urukundo rwayo kandi tukabona ibintu byose urukundo rwayo rutanga. Iyo twitabiriye igikorwa cyo gufasha abandi, icyo gikorwa kibyutsa ubwiza buri muri twe butagira ingano kandi kikadutera kwera. Iyo dushaka gukura tugomba gukora ibikorwa byerekana urukundo cyane cyane dufasha abandi. Urugero, “Mwami ndagukunda kurusha byose muri byose.” Cyangwa “Mwami ndagukunda, nyongerera urukundo ngufitiye.”

Gukunda Imana ariyo igomba gukundwa bitagira iherezo, ariyo bwiza bwose, ukuri kose n’ineza yose, niyo ntego yacu isumba izindi. Dukunda Imana ku mpamvu z’ibyiza iduha, umurimo wayo w’agakiza yakoreye muri Yesu Krisito no ku mpamvu z’Umwuka wayo Wera uba muri twe. Mutagatifu Faransisko w’i Sales yavuze ati, “Urukundo dukunda Imana rugomba gusumba ibintu byose dukunda kandi rugasumba n’ibyo twakwifuza byose.”Uramenya neza uburyo twagiye kure y’uyu muhamagaro. Kandi reka nongere kwibutse umwanya w’ibyifuzo byacu mu buzima bwacu bw’Umwuka. Mutagatifu Faransisko w’i Sale yasenze avuga ati:

> Nibyo koko Mana ndi uwawe gusa. Mba muri wowe kurusha uko mba muri njye, niyo mpamvu urukundo rwanye rugomba gushingira muri wowe. Nagombye kugukunda nk’itangiriro ryo kubaho kwanjye n’iherezo ryanjye; nari nkwiriye kugukunda kurusha uko nikunda kuko mba muri wowe.

Imana niyo “tubamo kandi tugenderamo kandi muri yo dufite kubaho.” Ndaguhamagarira gutekeraza ku 1 Abakorinto 13, kandi mu gihe ukora utyo utekereze ku bintu bikurikira:
-Gufasha abandi biduhuza n’Imana
-Gufasha abandi biraduhindura
-Gufasha abandi niyo nkingi yo kugirwa mushya
-Gufasha abandi biduha imbaraga zo gukora byiza.
Mutagatifu Tomasi Kempis yavuze ati, “Urukundo rwikorera imitwaro iremereye kandi rwo rutaremera kandi ruhindura ikintu cyose kibishye kigahinduka ikintu kiryoshye

cyane kandi gikuzwe.” Tomasi Kempis akomeza avuga ati, “Urukundo ruturuka ku Mana kandi ruruhukira mu Mana.” Itangiriro ryaho ruruhukira haturuka urukundo rw’abagenzi bacu n’urukundo twikunda ubwacu. Kempis akomeza avuga ati, “Nta kintu kiryoha kurusha urukundo, ntakintu cyiza gisumba urukundo, nta kintu cyuzuye cyangwa cyiza kiruta urukundo haba mu isi no mu ijuru.”

Iyo ntekereje ku buzima bwanjye bwite, nkunda kwibuka ikintu nagizemo intege nke mu rukundo rwanjye. Igihe narimo gukora umurimo w’Imana muri Gereza nkuru ya Bristol mu Bwongereza, mu myaka ishize myinshi cyane kandi icyo gihe nakoranaga n’itsinda ry’impuza matorero, mu gihe kimwe abagororwa bari mu mwanya wo kuganira, nabonye umugabo ufite hafi mu myaka mirongo itatu yicaye wenyine kandi afite agahinda kenshi. Naramwegereye ubwo ntagira kuganira nawe. Nkurikije uko ikiganiro cyacu cyari kimeze, namubajije ngira nti, “Ese wigeze kumva ukunzwe n’umuntu uwo ariwe wese?” Yaransubije ati, “ntabwo numva icyo ushatse kuvuga.”
Nakomeje kumubaza ngira nti, “Ese wigeze ugira uwo ukunda?” Yansubije arira agira ati, “ntabwo nigeze menya ibyerekeranye n’urukundo.”
Aha niho natsindiwe rero: Aha ni ahantu ururimi yashoboraga kumva icyo gihe gusa ni kumukoraho nkamwegera. Nagombye kuba naramuhobeye ariko nagize ubwoba bwo kubikora ku mpamvu zo gutera abandi cyangwa se we gukeka ibintu bitari byo. Ahubwo nahise ngenda asigara arira. Ku munsi w’urubanza nzabazwa impamvu ntamweretse urukundo.

Urukundo ruzana ibyishimo n’amahoro nk’uko turirimba mu ndirimbo yitwa ngo, “Ntacyo nabura ndi uwe kandi nawe ari uwanjye iteka ryose.” Ariko se dukura dute mu rukundo? Urukundo ni impano, ibi bivuze ko urukundo ruri muri twe. Ni impano, ibi bivuze ko tutagomba kuyibona kandi ko ntaho twayishakira ngo tuyibone. Icyo dukora gusa ni kuyakira, kuyimenya no kuyikunda. Twiha Imana, umutanga wa byose kandi ariwe watwiremeye tubinyujije mu rukundo. Ibi tubikora iyo dukora ibintu bikurikira:
-Kwitanga igitambo gikwiye
-Kwanga no kugendera kure y’icyaha
-Kwihana
-Gukora no kujyana n’ibyo Imana ishaka.
Byongeye kandi mutagatifu Faransisiko w’i Sales avuga ati: Urukundo nyakuri rushaka Imana kandi rugakunda kubana nayo; kwicuza gushakisha Imana kandi kurayibona; urukundo nyakuri rushoboza umuntu kugira Imana no kuibona vuba.” Mu kindi gitabo nise “Ishuri ry’amasengesho”, hari aho nasabye umusomyi gukurikira neza akamaro kanini ko guhimbaza no gushima mu buzima bwacu bw’umwuka, kandi iyo dushaka gukura mu rukundo no mu gufasha abandi tugomba kumenya akamaro ko guhimbaza no gushima. Niba ushaka kugira inyota yo gukunda Imana by’ukuri, koresha izi ndirimbo zikurikira: “magnificat, Sanctus, Gloria in excelsis, na Tedeum”. Urukundo rw’Imana ruboneka mu bikorwa byacu byo gufasha abandi. Kandi urukndo rw’Imana ruboneka mu rukundo rwa bagenzi bacu rwa rundi rubafasha kwihanganira ibikomeye. Bityo tumenya Imana tubinyujije mu rukundo abandi badukanda. Kandi tumenya ko nabo ari abana b’Imana kandi ko ari benedata na bashiki bacu. Ku mpamvu zo gutekereza ku byavuzwe haruguru cyane cyane ibyerekeye iyobera ry’urukundo, mbashimiye imirongo yo mu byanditswe byera ikurikira: 1Yohana 2:10-11; 1Yohana 3:14-15; 1Yohana

4:7,8,12,16,20,21 na Matayo 25:40. Kugirango umuntu agire ingufu mu gufasha abandi, iga kurwanya ibintu bikurikira:

- Umwuka wo gucira abandi imanza
- Kubika inzika
- Kubika uburakari
- Kubeshya
- Gusebanya no kuvuga nabi
- Guca abantu mo ibice no kubashyira mu matsinda
- Amahane
- Urwango
- Kugira ishyari
- Kubeshyera abandi- wibuka ko urumi rushoza intambara ruturuka ku matwi ahora arekereye ategereje inkuru
- Gutangira kuvuga

Tekereza kandi ku Befeso 4:1-16; Abafilipi 2:1-4; 1 Abakorinto 5:13. Kugirango umuntu agire urukundo rwinshi, agomba kubana n'abandi bantu. Kubana n'abandi bantu bisaba kwihangana, kugira ubuntu, kandi mbere ya byose, kugira impuhwe. (Reba Luka 4:23.)

Impano nziza z'ingenzi

Hari impano z'ingenzi enye ziswe "inkingi", kandi zitandukanye no kwizera, ibyiringiro, no kugira neza kandi dushobora kuzibona nk'impano z'Imana twabonye mu gihe cy'iremwa ryacu. Muri rusange izo mpano zishobora kuboneka mu bantu bakora neza ariko batari mu itorero ry'Imana ariwo muryango w'abakrisito. Ku ruhande rw'abakrisito, izi mpano ni iza gikrisito kuko tuzihabwa mu gihe cy'umubatizo. Byongeye ni iza gikrisito kuko mu gukoresha kwizerra, ibyiringiro, no gufasha abandi, izi mpano zikorera Imana, iherezo nyakuri ry'impano zose dutunze. Iyo twakiriye izo mpano duhinduka abera b'Imana. Izi mpano nizo nkinki umukrisito yifashisha mu buzima bwe bwa gikrisito kandi izi nizo ziranga ubumuntu nyakuri.

Twese kandi buri wese muri twe yumva ko ari umwana w'Imana kandi turi mu muryango mugari w'umubiri wa Krisito. Mu bumuntu bwa Krisito, tuboneramo inzira yo gusangira nawe ubumana bwe. Impano zidufasha mu kugira imyifatire myiza ya gikrisito kandi zerekana neza uko tugomba kubana n'abandi ndetse n'uko tugomba kwireba. Impano nziza y'ubutabera ikora cyane cyane mu mibanire yacu n'abandi bantu. Impano zo kwirinda no kwihangana zikora cyane cyane kuri twe ubwacu, impano yo kwitonda iyobora izindi mpano zose uko ari eshatu.

Ubutabera

Ubutabera buyobora ibyo dukora byose. Kwirinda kuyobora ubuzima bwacu bwite, kwihangana ni impano idufasha kudatezuka ku ntego ariko gutuma impano zihinduka nziza cyane. Wibuke, impano nziza enye z'ingenzi nirwo ruti rw'umugongo rw'ubuzima bwa gikrisito. Reka turebe ku butabera.

Ubutabera tuvuga hano butandukanye n'ubutabera bukoreshwa hano ku isi. Umutambyi Harton (urupap. 64) avuga ati: "ubutabera ni uburenganzira butangwa n'Imana mu rukundo aribwo gushaka kw'Imana kugaragariramo mu itegeko rigenga isi yose n'impamvu y'irangira ry'ibihe, aricyo iryo tegeko ryashyiriweho." Ni ukuvuga ko ubutabera bufitanye isano n'ububasha bw'Imana, n'ukuri n'akamaro by'itegeko ryo mu ijuru. Ariko ntabwo ari ukuvuga ko amategeko akurikizwa butama. Ubutabera ni urukundo rw'ukuri, niyo mpamvu umuntu wese w'umunyakuri yagombye gukoresha uburenganzira bwe bwose ariko yubaha Imana. Ku Mana ubutabera bubonekera mu gusenga no guhimbaza- mu mvugo no mu ngiro. Niwo musingi w'itorero ry'ukuri. Imbere mu muntu ubutabera buzana guhimbaza Imana, inyuma ku mubiri buzana kwitanga utizigamye. Buduhesha kumenya imirimo tugomba gukora no kubahiriza gahunda. Muri iki gihe umuryango w'Iburaya no muri Amerika wazanye inyito ikabije kandi itari iy'ukuri y'uburenganzira bwa muntu. Ariko icyiza ku muntu cyangwa uburenganzira bw'umuntu umwe bubuneka mu burenganzira rusange cyangwa icyiza rusange. Uburenganzira bwanjye bugomba kujyana n'uburenganzira bwawe kandi n'ubwawe bukajyana n'ubwanjye. Ntabwo dukwiye kugira uburenganzira bwo kuvuga icyo dushaka ariko kuvuga kwacu kutamereye neza abandi. Ubutabera rero ni impano yo mu bwami bwo mu ijuru. Iyo dusenga kugirango ubwami bw'Imana buze, bigomba gutangirana natwe tuvuga tuti "ubwami bwo mu ijuru buze kuri njye." Uburenganzira kuri mugenzi wacu buboneka iyo tugize ubuntu; ku bakuru buboneka mu cyubahiro no mu gukurikiza amategeko, ku bakene cyangwa abatishoboye, buboneka iyo tubahaye icyo bakeneye. Ku badafite kumva mu mitima yabo iyo dufashe umwanya wo kubumva. Ku bandi bose iyo twitonze. Ubutabera ni impano nziza ihora ishaka amahoro na gahunda. Ni uburyo bwo kureka icyaha cyo kwikunda cyane cyane kwikunda umuntu ari mu byaha. Ariko itandukanye no gukunda gufasha abantu muri rusange no uburenganzira bwo gusabana n'abandi. Butandukanye n'izi nshingano zo kugira neza kuko ubu ari uburenganzira bwo kurinda ubundi burenganzira kuko ari ugushaka kw'Imana. Ubutabera ni ibitekerezo byiza byose. Ubutabera ni bugari cyane, bushyira Imana imbere, bugakurikiza ho bagenzi bacu, hanyuma twe ubwacu tuza nyuma.

Ubwitonzi

Mbere y'uko tuvuga k'ubwitonzi reka tumanze gutekereza ku bintu bikurikira:
Ubutabera buduha kubana n'abandi neza
Kwirinda bitera umubiri wacu kumererwa neza no kugendera kuri gahunda
Kwihanga ni impano itera izindi mpano kugera ku ntego nziza
Kwitonda bifasha imyifatire yacu kugira ngo igere ku zindi mpano cyangwa yerekane izindi mpano.Ubu ni ubwitonzi buturuka mu ijuru. Ubwitonzi duhabwa kuva mu kuremwa kwacu ntabwo ari ubwitonzi twigishwa.
Ariko hari ubwitonzi bwigwizaho, "ariwo mwanzi w'idini nyakuri cyangwa se wo kumenya Imana no kuyimenyesha abandi." (Harton urupapu.70). Ubwo bwitonzi ni ingeso mbi idutera kwigwizaho no kugira ngo ubuzima bwacu bube mu munezero ubonetse mu nzira zitari iz'ukuri. Ubwo bwitonzi butera ubuzima bwacu guhora bushakisha ibyo budashobora kugeraho kabone n'iyo tubonye ibyiza mu buzima ntabwo twongera gushakisha ibindi byiza. Niyo mpamvu kugera uyu munsi wari ukwiye gushaka

kuba mwiza muri byinshi, ukwiye kumva byose, wigwizeho, uharanire kuba imbere muri byose- aya ni amajwi afite irindiro ryayo mu bwitonzi bwigwizaho kandi bwo mu isi.

Ubwitonzi bwo muri iyi si bwigwizaho kandi buyobora ubuzima bwacu mu myifatire mibi- ariko bubikora mu mategeko agenga iyi si. Bukorera ku migambi n'imigenzo mibi kandi bushaka kugera ku ntego mbi. Ntabwo ubwo bwitonzi bugerageza gukora ibintu, ntabwo bukurikiza imigenzo myiza isanzwe. Intumbero yabwo ni ubuzima bwa none, bwa none gusa. Abafite ubwitonzi bumeze butyo mu buzima bwabo, bazashaka guhuza imigenzo ya gikrisito, umuco wa gikrisito n'imigenzo yo muri iy'isi. Ubwitonzi bwa gikristo ntabwo bushaka guhuza krisito n'isi. Krisito yaje guhuza isi nawe, kandi itorero niryo nzira ubwo bwiyunge bunyuzwamo. Ubwitonzi bwa gikrisito buri hejuru y'ubw'isi kandi iyo buhana buhamagarira uwo buhana kugaruka mu nzira.

-Imana ni umucamanza
-Gushaka kwe niko kuyobora
-Ubwami ni ubwe

Umutambyi Harton (urupapu. 70) avuga ati, "ubwitonzi buyobora ibikorwa byacu bya buri munsi ku ntego n'iherezo twaremewe aho kubugeza ku ntego n'iherezo ry'uyumunsi cyangwa rya vuba."- ibyo bivuze ko ubwitonzi buyobora ibikorwa byacu mu guhimbaza Imana. Ubu bwitonzi buduhamagarira kureka umucyo w'Imana ukaba muri twe kandi ukatuyobora. "Ubu bwitonzi bugize incamake y'izindi mpano nziza kandi buduha ubuzima bw'umutima uyoborwa n'Umwuka Wera." (Harton. Urupapu. 70). "Umuntu w'umunyabwenge mu mutima yitwa umuntu ushyira mu gaciro…ubwenge ni bwo soko y'ubuzima bwiza, ariko ubugoryi ni ubwenge n'ubushishozi bw'abapfu mu mitima yabo." (Imigani 10: 21-22). Ubwitonzi nibwo bwenge Yesu yakoresheje nk'uko bigaragarira mu migani no mu cyigisho cya 'hahirwa' Yesu yigishije abigishwa be. Ntabwo ari nk'ubwenge bw'isi "bushaka gukoresha amahirwe no kuyashakisha ku ngufu ariko budashakisha gushaka kw'Imana mu buzima bwabo bwa buri munsi no gukora ibijyanye n'uko gushaka kw'Imana. (Harton, urupapu. 70).

Kwirinda

Impano nziza yo kwirinda ni inkunga y'ubuzima bwacu bwa gikrisito cyane cyane iyo duhangana n'icyaha cy'ubusambo. Ubusobanuro bwo muri iki gihe bwayobeje bamwe muri twe kubyerekeye inyito nyakuri yo kwirinda. Kwirinda bijyanye no gukoresha bike biri mu rugugero cyane cyane ibyo kurya n'ibyo kunywa ntabwo ari kubuza gukora ibintu byose nk'uko inyito idakwiye ijyanye n'igihe cy'ubu ibifata. Pawulo mutagatifu mu 1 Abakorinto 9;25 avuga ati, "Buri muntu ukora imyitozo ngorora mubiri yirinda muri byose.' Ku murongo wa 27 akomeza avuga ati, "Nkubita umubiri wanjye kugira nog ngutegeke" Umukrisito rero nink'uyu muntu ukora imyitozo ngorora mubiri kandi agomba kwitonda no kwirinda kugira ngo azagere ku ntego. Kwirinda bizatuma akoresha bike by'ingenzi mu byo kunywa n'ibyo kurya. Kuri ibi hiyongera ho imyitozo, kuruhuka no kwidagadura. Ibi byose biri mu kwirinda. Kwirinda bidufasha gukoresha ibintu byose mu rugero rwiza. Gukoresha ibintu nabi hadakurikijwe urugero rwiza bitera ibintu guhinduka bibi bikaba byavamo no guhinduka icyaha. Kwirinda bidufasha mu gutegeka

ubuzima aho kuba umugaragu w'umubiri. Hari igihe ibyishimo bishobora kuba byiza ariko hari n'igihe bishobora guhinduka bibi bikavamo icyaha. Kwirinda bidusaba kwishima mu rugero rwiza. Kwirinda ni akenshi uburyo nyakuri bwo gukoresha ibyaremwe n'Imana. (Harton. urupapu. 64).

Mu bwitonzi, gushaka kwacu kuyoborwa no gucisha mu gaciro kwacu kandi kukayoborwa n'Umwuka Wera kugirango ibikorwa byacu bibe bizima. Hatariho ibyo, gushaka kwacu kwakurikiza ibintu bitagira gahunda, gushyira mu gaciro kwacu kwagorama, iherezo rikaba gukora icyaha. Kwirinda bishyira umubiri wacu mu bubata bw'Imana no mu mbaraga z'Imana" (Harton, urupapu. 71). Kwirinda bigaragara mu kurwanya icyaha. Niyo mpamvu tugomba guhora twumva ko kwirinda ari ngombwa kandi tukabishimira Imana. Imana ntabwo yadutereranye kugirango turwane no gushaka kwacu no kwifuza kwacu guhora kwifuza gukora ibyo twishakiye aho gukora ibyo Imana ishaka. Ntabwo turi twenyine. Twahawe impano nziza yo kwirinda kubw'ubuntu bwiza bw'Imana. Iyo mpano ni iyacu- ariko tugomba kuyikoresha.

Kwihangana

Mu mpano z'ingenzi nziza, ubutabera bujyana no gukora neza inshingano zacu , kwirinda kujyana no kuyobora ubuzima bwacu. Impano nziza za tewolojiya – kwizera, ibyiringiro, no gufasha abandi cyangwa se kugira neza-zitwereka ko tutagomba kwigwizaho mu gihe dukora imirimo inyuranye, kandi mu gihe dufite izi mpano dukura tugana mu buzima bwera. Kwihangana nibwo buryo umuntu agera kuri izo mpano nziza za tewolojiya kandi ni bwo buryo umuntu ahindurirwamo mushya. Muri icyo gihe umuco wa gikrisito uzagaragara cyane kandi abantu b'isi bazawurwanya yemwe hazabaho no kubabazwa ku mpamvu z'ubwo buzima bwa gikrisito. Tuzihanganishwa n'imbaraga zituruka muri ubwo buzima atari imbaraga zituruka kuri twe ubwacu ahubwo imbaraga twahawe n'Imana kugirango dushobore kubaho mu buzima bwa gikrisito. Birazwi ko kugirango tuneshe ibigeragezo n'uburyarya bwa Satani dukeneye imbaraga zituruka ku Mana. Mutagatifu Pawulo mu Baroma 7 ataka ari mu bibazo byo kubura icyo akora avuga ati, " ntabwo nkora icyo nshaka gukora, ahubwo nkora icyo nanga gukora, ninde uzadukura muri uyu mubiri w'urupfu?" Igice cyose ni cyiza umuntu akwiye kugisoma. Pawulo akomeza avuga ati, "Imana ishimwe binyuze muri Yesu Krisito, umwami wacu" (Abaroma 7:18,24…). Ibyaha byinshi dukora bituruka ku kwiyoberanya kw'ibibi twibeshyaho ko ari byiza. Urugero:
-Urukundo-Kwifuza
-Ubwenge-Ubwirasi kubera ubumenyi
-Umurimo-Kumva ko uri hejuru y'abandi, kurwanirira imyanya y'ubuyobozi.

Hari ibibazo bitugeraho cyane cyane iyo tugeze mu zabukuru kandi tukaba twarabaye abagabo n'abagore bo kwizera, ibyo bibazo rero ni kutagira umurava, kudakunda gukurikiza imigenzo, no kutagira umwete mu kwizera. Kuri ibi hiyongeraho gukunda ibyaha bimwe na bimwe. Iyo turi muri ibi bihe ntabwo dushobora gutsinda urugamba ku bwacu. Ahumbwo dukwiye kwibuka ko kwihangana ari ubuntu twahawe n'Imana kandi akaba ari impano twahawe n'Imana kuva mu iremwa ryacu. Harton avuga ko, "iyo umuntu agize kwihangana kumutima we ugira imbaraga zirenze arizo zigaragaza umuntu

wo mu mwuka by'ukuri" (urupap. 69). Tugomba kugira kwihangana buri gihe kandi "kwihangana gufasha umutima kubaho mu munezero n'ubwo haba hari ibibazo". Kwihangana guha umutima "Imbaraga zikwiye kugira ngo umuntu abe uwera" (Harton, urupapu.69). Imyifatire y'umukrisito nyakuri ntabwo igomba kuba ifite intege nke cyangwa se idafatitse, cyangwa gukora neza igihe umuntu ashatse aho kuba igihe gukora neza ari ngombwa, imyifatire y'umukrisito igomba kuba ikomeye" (Harton, urupapu.69). Izo mbaraga zituruka kuri Yesu kandi ziboneka muri we, kuko kubwo kwihangana tubona imbaraga zituruka mu mwami wacu Yesu Krisito.

IGICE CYA GATATU

IMPANO NDWI Z'UMWUKA

Igitabo C. Petero Wagner yanditse cyiswe 'Impano zawe z'umwuka zishobora gufasha itorero ryawe gukura', icyo gitabo rero ndagishimira buri wese mbikuye ku mutima, kuko kigufasha kumenya uburyo Imana yaguhaye impano, n'impano yaguhaye. Ndumva neza ko ikintu gikenewe muri buri mukumbi cyangwa se itorero ry'ahantu runaka kugirango rikure ni uburyo abagize itorero bose bahuriraho bukabafasha gusobanukirwa, kwemeza, no gukoresha impano Imana yahaye buri muntu muri uwo mukumbi. Impano esheshatu ziboneka muri Yesaya 11:2-3 naho iyakarindwi ituruka mu nyandiko ya Septuwajinti yo muri icyo gice. Izo mpano ziboneka kandi mu isengesho rikuru riboneka mu gitabo cy'amasengesho rusange. Iryo sengesho rikoreshwa mu iteraniro ryo gukomeza abakrisito mbere y'uko musenyeri arambikaho ibiganza abakomezwa.

Tubonera ubuntu bw'Imana muri Krisito Yesu no mu Mwuka Wera kandi ubu buntu bufite intego imwe- kugira ubuzima bwa Krisito muri twe no gukomeza kugira ubwo buzima bwiyongera buri gihe. Kandi uku kwiyongera duhabwa kudufasha gukura kugirango tugere ku rugero rwo kubana na Krisito kugeza ubwo azaza kujyana itorero rye. Ukwera kw'itorero rimwe rikomoka ku ntumwa no kwera kwacu muri Yesu Krisito bituruka k'uguhura kw'iyobera kw'ubumuntu n'ubumana muri Yesu Krisito, ariyo nzira dukirizwamo kandi niwe byiringiro byacu bidufasha kugera ku ntego twaremewe no kugera kw'isezerano rya Yesu Krisito ko tutazaba nk'imfubyi, aribyo bivuze ko tutazabura imbaraga. Iryo sezerano risohozwa no kuza k'Umwuka Wera, ariwe uba muri twe kandi akaba impano twahawe mu gihe cy'umubatizo. Kuba umwe na Yesu niryo tangiriro ry'ubuzima buhoraho busumba ubundi buzima. Umutambyi Harton (urupapu. 72) avuga ati, "Kwiyeza bizanwa n'ubuntu duhabwa mu gihe cy'umubatizo, kandi gukura k'uku kwera n'ubu buntu bituruka ku kuzuzwa Umwuka Wera, we soko y'ubuntu, mutanga w'impano, we mpano y'Imana ikomeye. Ubuntu ni ubuzima bw'Imana muri twe, Imana ikorera mu buntu bwayo muri twe no kuri twe. Isengesho, Ibyanditswe Byera, Guhimbaza n'ubuzima bwacu mu itorero- ibi byose ni uburyo tuboneramo ubuntu bw'Imana. Ubuzima bwacu bw'umwuka ni ikintu kigaragaza uwo murimo ukomeye Imana yakoze. Aha rero Imana yongeraho impano ndwi z'Umwuka Wera.

Izi mpano zizakura kuburyo butandukanye mu mitima itandukanye y'abantu batandukanye. Impano yigaragaza cyane izatandukana bitewe n'umuntu ku giti cye. Ariko zose zigize impano ndwi. Turebye ku ndirimbo zikurikira twabona ubusobanuro bw'inyongera. Mu ndirimbo ikomeye "Veni Creator Spiritus) yanditswe mbere y'ikinyejana cya cumi, tubona aya magambo:

N'ubwo uboneka mu buryo bw'impano ndwi
Ikimenyetso cy'imbaraga z'Imana ikomeye,
Isezerano ry'Imana itugira abakire
Binyuze mu kuri gukiza no mu magambo yo kuri iyi si.

Byongeye mu ndirimbo "Veni Sancte Spiritus" yo mu kinyejana cya cumi na gatatu haboneka amagambo avuga ati, "Wuzuze abantu bawe bakwizera kandi bishingikiriza imbaraga zawe, bayoborwa n'Imana kandi n'impano zawe." Umutambyi Harton avuga ko, "iri yobera ry'ubuntu bw'Imana riboneka mu gihe cy'umubatizo, ariko iyo ubwo buntu budakanguwe, buguma mu muntu businziriye". Bukomeza kuba umutungo ukomeye udakoreshwa. Urugero: impano y'ubuhanga bwa muzika ikeneye imyitozo na gahunda, hari igihe ubona rwose ko ubuhanga butagira ingano iyo umuntu uririmba yiyeguriye rwose impano ye akayikoresha kuburyo ubona kuririmba ari impano Imana yamuhaye. Impano zose zindi, izo gushushanya, ikorana buhanga, izo mu ishuri zikoreshwa rimwe na rimwe no gutekereza, aho kuba ubushake bwacu gusa. Kandi ibi biboneka ku mpano z'Umwuka Wera. Izi mpano ntabwo zahumetswe nk'uko bishobora kumenyekana mu nyito z'iki gihe, yego zarahumetswe kuko ari Imana yazidushyizemo. Ni umurimo w'Umwuka Wera we udufasha kuzikoresha mu mitima yacu. Iyo tuzakiriye tukazikoresha ku mbaraga z'Umwuka Wera, bidufasha no kumva neza icyo Imana idushakaho. Izi mpano ntabwo zibura mu muntu kandi ntabwo dushobora kutazifuza.

Kubyerekeranye n'impano nziza zo kwizera, ibyiringiro, no gufasha abandi cyangwa kugira neza, Imana iduhamagarira gukoresha gushaka n'ubumenyi bwacu. Mu yandi magambo, tugomba gukoresha izi mpano. Tugomba gukoresha izi mpano kandi bituruka ku mbaraga no kuyoborwa n'Umwuka Wera. Imana iduhamagarira kwemera kuyoborwa n'Umwuka Wera. Niyo mpamvu dushobora kuvuga ko ubuzima bwo gukoresha impano buturuka kuri twe no kubuyobozi bw'Imana. Kugirango umuntu akure mu mpano nziza agomba kwiha Imana kandi agategereza ko Imana imuha izo mpano. "Ushakishe agakiza kawe mu bwoba kuko ari Imana igukoreramo kugirango ushake kandi ukore ibimushimisha"(Abafilipi 2: 12-13). Imana ihora ishaka kutwiyegereza mu rukundo. Umutambyi Harton (p. 74) avuga ati, "tugomba gukomeza kubaha Umwuka Wera we uzatuyobora mu kuri kose"(Yohana 16:13). Gukurikira Imana bikorwa mu bwitonzi no mu bupfura buturuka ku mpano Imana itanga. Mu gihe dukomeza gukura mu mpano Imana yaduhaye tugomeza kwegera ku itegeko ryera "Mube abera kuko ndi uwera" (Abalewi 20: 7).

Ubwenge

Mu mubatizo wacu twagizwe umwe na Krisito n'uko dusangizwa ubuzima bwe. Impano zidufasha gukomeza kugira ubwo buzima zimeze nk'imitako itanga urumuri. Impano imwe muri izi ni impano y'ubwenge. Iyo mpano y'ubwenge idufasha gukomeza kugira ubwenge bwo kumenya Imana n'ibyo yaremye mu gihe cyose bikomeza kwerekana

ububasha bw'Imana. Kandi iyi mpano ifitanye isano n'impano yo gufasha abandi cyangwa kugira neza. Ubwenge ni umucyo uhabwa umutima ku buryo ureba kandi ukumva Imana n'ibintu byo mu ijuru (Harton, urupapu. 78). Zaburi ya 34:8 ivuga iti, "O ngwino urye kandi urebe ko Umwami ari mwiza." Ubwenge budushoboza kwakira ubutumire bwo mu ijuru. Ubwenge ntabwo buturuka ku gutekereza, ahubwo buturuka ku rukundo, k'ugukoresha impano nziza yo gufasha abandi cyangwa kugira neza. Muri uyu mwanya birakwiye ko twakwifashisha ubwenge bw'umuntu umwe wanditse igitabo cyitwa "Igicu cy'utamenya" ubwo yavuze ati, "Mu bumenyi Imana turayibona: mu rukundo turayibona by'ukuri." Ubwenge burangirira mu gukunda Imana aribyo bikwiye ku mutima mwiza, ubwenge budufasha kugera ku zindi mpano ebyili arizo ubwoba bwera no gukunda Imana tugasa nayo. Witondere hano aho abanditsi b'iby'umwuka bavuga ku batangizi, ubushobozi n'abantu beza rwose. Ibi ni ibibagaragaza ariko ntabwo ari byose. Hari igihe Imana yatwiyereka ku buryo bugaragara, budashidikanywaho, kandi buboneka kuri buri wese. Urugero: Njye ubwanjye ku muhamagaro nabonye wo gukorera Imana no kwerezwa uwo murimo no kwinjira mu matsinda y'abihaye Imana nabonaga ko ibi bintu bizabaho. Muri rusange hagomba kubaho gukura buhoro buhoro mu buzima bwacu bwa gikrisito kugirango tumenye Imana- Uwo Imana ariwe-ibi bigaragara mu gihe dukomeza gukunda Imana. Rimwe na rimwe no mubihe bikomeye tugomba gukomeza gukunda Imana. (Reba Zaburi 22). Ibi bihe bikomeye tugomba kubibona nk'ibihe byo kuri iyi si aho kubibona nk'ibihe bibi bituruka ku Mana. Mu bihe byose bikomeye dushobora kubona ko Imana yari kumwe natwe kuruta uko twabyibwira twe ubwacu. Izi nyigisho ziboneka kandi mu gitabo cyiswe "Igicu cy'utamenya". Ubwenge butuyobora mu kutita cyane ku gukunda ibitagira umumaro, budufasha gukunda Imana by'ukuri, kandi butuyobora mu kuruhukira mu Mana tukayitegereza twihanganye(Zaburi 37:7). Ubwenge budufasha kureka Imana ikaba Imana kandi tugakurikiza igihe cyayo. Ubwenge budufasha kumenya ko Imana iri muri twe kandi iri hamwe natwe, kandi ko nta magambo y'umwana w'umuntu yabona uko ayivuga nk'uko iri. "Aha turebera mu ndorerwamo ntitubone neza" (1 Abakorinto 13:12). Ntabwo tubona neza kubera ibyaha, intege zacu nke, n'ubushobozi bwacu buke. Ariko byose bizagaragara ubwo tuzaba turi kumwe n'Imana amaso ku maso. Icyo gihe tuzamumenya neza rwose.

Ubwenge nibwo budufasha mu gutegereza twihanganye. Ubwenge bukura iyo tubukoresheje neza. Kandi ni ubwenge budufasha kugira urukundo, no guhimbaza Imana. Aha ndabibutsa ko hari impano nziza yo kwizera iboneka muri twe kuko twizeye. Kwizera biza muri twe iyo turi abizerwa kandi n'ubwenge buturuka ku Mana iyo buri muri twe duhinduka abanyabwenge. Ibyo tugiramo ubwenge ni Imana n'ibintu Imana yaremye. Ibi bintu bishobora no kuba ibintu by'isi mu gihe cyose bituruka ku Mana kandi bikaba biriho kubwo gushaka kw'Imana.

Gusobanukirwa

Impano yo gusobanukirwa ifitanye isano ya hafi n'impano y'ubwenge. Imana yiyerekanye mu mayobera adashobora kugaragarira ubwenge bw'umuntu. Umwuka Wera, abinyujije mu mpano yo gusobanukirwa, ashoboza umutima woroshye kumenya amayobera y'Imana. Ibi ni ibyiza byo kwizera. Gusobanukirwa bidufasha kwiyunga na Pawulo mu gihe avuga ati, "Nzi uwo nizeye" (2 Timoteyo 1:12). Kubw'Umwuka Wera

n’impano yo gusobanukirwa tumenya Imana n’ukuri kwayo. Ubu bumenyi ariko bushobora kuba butagaragara neza buri gihe. Hari igihe tudashobora kubusobanura mu mamagambo, ariko kubakira ubu bumenyi bubahindukira inyigisho zibafasha cyane. Ubu bumenyi nibwo bwafashije abantu bicwaga kubera ko bizeye Yesu gupfa baririmba.

Ubumenyi bumenya ukuri ko mu mwuka kandi bugirwa n’umutima wakiriye Yesu (Harton, urupapu. 72). Ubu bumenyi buratandukanye cyangwa se bugaragara mu buryo butandukanye bitewe n’umuntu ku giti cye. Ubumenyi bwose buterwa n’uko umuntu abufata ku giti cye. Ibintu byo mu mwuka bimenyekana mu mwuka kubwo kwerekwa guturuka ku Mwuka Wera we ugomba kutwereka ibyo tutazi. Umwuka udusobanurira ukuri kw’iby’Umwuka ku bafite Umwuka. Umutnu utari mu mwuka ntabwo yagira ubumenyi bw’iby’umwuka kuko adafite impano z’umwuka zamufasha kumenya ibintu byo mu mwuka (Reba 1 Abakorinto 2:13…).

Ubujyanama

Ubujyanama ni impano ijyanye n’ubwenge. Niyo iyobora gushaka k’umuntu kugirango akore ibintu biyobowe n’ubwenge, gusobanukirwa n’ubumenyi. Ibi byose bikorerwa mu mwuka. Kwera bituruka mu kuzuzwa Umwuka Wera, kandi uku kwera kugaragara mu bitekerezo, mu magambo, no mu bikorwa. Kubw’ubujyanama dutekereza neza, tuvuga neza, kandi dukora neza mu mirimo yacu ya buri munsi. Iyo tutitonze, dushobora kwirengagiza Imana mu buzima bwacu bwa buri munsi. Muri icyo gihe duharira Imana umwanya ujyanye n’igihe cyo kujya gusenga, cyangwa n’umwanya wo munsengero. Dufata Imana nk’aho ntamwanya ifite mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ese ubuzima bwawe bwa buri munsi ni ubuzima burangwa no kwigenga? Kubaha nyakuri k’umukrisito ni kubaha Imana. Imana yaturemye idufitiye umugambi, kandi mu mubatizo yagize buri wese muri twe umwana we, niyo mpamvu tugomba kubaha Imana. Byongeye Imana yatugize abakrisito, niyo mpamvu twaremewe kubaha Imana n’uwo yatumye kugirango aduhishyurire iyo Mana ariwe Yesu Krisito n’itorero rye ariryo mubiri we. Kandi yatugize n’abaragwa b’ubwami bw’ijuru, niyo mpamvu intego yacu igaragara. Ariko kugera kuri iyi ntego ntabwo byoroshye. (Reba Abaroma 7). Umubiri wacu wokamwe n’icyaha uhora ushaka gukora ibyaha, aha niho tuba dukeneye ubujyanama. “Umwuka duhabwa ntabwo ari uwo kuyobora ubwenge bwacu gusa, ahubwo uyobora no gushaka kwacu n’umutima wubaha Imana tubishobojwe n’impano y’ubujyanama mu bitekerezo, mu magambo, no mubikorwa” (Harton, urupapu. 81).

Ubujyanama n’impano isabana n’abandi bantu. Kuko twaremwe nk’ibiremwa bigomba gusabana n’abandi bantu, dukeneye abandi bantu kandi dukeneye kugira umubano mwiza n’abagenzi bacu. Ubuzima bwo mu muryango, abakunzi, cyangwa se abashakanye bushobora kuba bubi cyangwa se gukomera. Umuryango muto n’umuryango mugari, igihugu, n’itorero nabyo bigira imibanire ishobora gukomera cyangwa kuba mibi. Niyo mpamvu tugomba kubaho tuyobowe n’ubujyanama kandi tugomba gusabana n’abandi neza:
-Ababyeyi
-Abotubvukana
-Abo mu muryango mugari

-Abenegihugu
-Abo dukorana
-Abo duhurira mu matsinda atandukanye
-Abo mu matorero tujyamo
-Abo muri diyosezi
-Abo mu itorero rigari
Ubujyanama ni impano yo gukorera mu mwuka no mu bantu bose tugomba gusabana nabo. Budufasha kubona Yesu muri bagenzi bacu kandi tugakunda Yesu na mugenzi wacu (Matayo 25) (Harton, urupapu. 82).

Ubumenyi

Ubumenyi ni impano yuzuza ubwenge n'ubujyanama ikadufasha kubona ibintu nk'uko bigomba kuba biri imbere y'Imana ishobora byose. "Ni impano idufasha kubona neza ibyo Imana yaremye"(Harton, p.80). Kumenya ko dufite impano ntabwo bitugira abahanga mu buzima nk'abahanga b'imibare, ubukorikori, n'ubundi bumenyi; ahubwo biduha ubumenyi budufasha kubona ibintu nk'uko biri. Kubona ibintu mu buryo bw'Imana ihoraho no mu bihe byayo bidashyira. Ibi bitandukanye n'uko umuntu w'isi abona ibintu. Kuko abibona mu buryo bwo kubikoreshya, kubibonamo inyungu, no kubyishyimishamo. "Ni ubumenyi bukomeye bwo kumenya gahunda y'Imana." Urugero rugaragara rw'ubu bumenyi buboneka mu ndirimbo ya Fransisiko Mutagatifu yitwa 'Indirimbo y'ibiremwa' cyangwa se mu busobanuro bw'iyo ndirimbo buboneka mu gitabo cy'indirimbo cyo mu 1940 mu ndirimbo yiswe, 'Imana ikomye ishobora byose, Mana, umwami mwiza'. Urundi rugero ruboneka muri 'Benedicte Omnia Opera' mu Gitabo cy'Amasengesho Rusange. Izi ni ingero zigaragara zerekana akamaro k'ubumenyi. Hazabaho amayobera menshi muri ubu buzima. Ubumenyi budufasha kubona ibintu nk'uko byaremwe kandi nk'ibiremwa by'Imana. Ibintu Imana yaremye biriho kugirango bidufashe gushima Imana, ntabwo biriho kugirango tubyangirize cyangwa tubikure kw'isi. Amayobora tubona azasobanuka mu irangira ry'ibihe. Ibibazo bizabonerwa ibisubizo. Kandi niyo mpamvu ubumenyi budafasha kuvuga nk'uko Yuliyana w'i Norwich yavuze ati, 'Byose bizaba byiza, byose bizaba byiza, kandi uburyo bw'ibintu byose buzaba bwiza' (Ibyahishuwe by'urukundo rwo mu ijuru, 27).

Imbaraga z'Umwuka

Umubiri wacu n'ubwo wacunguwe uracyafite intege nke, kandi tudafite ubufasha bw'Imana ntabwo twakorera Imana by'ukuri nta n'ubwo twabana n'abandi neza cyangwa ngo dufashe abatishoboye cyangwa ngo tugire icyiza dukora. Kandi tudafite iyi mpano, izindi mpano ziri muri twe ntacyo zatumarira. Iyi mpano ifasha izindi esheshatu gukora neza kandi tudafite iyi mpano ntabwo twashobora kuba abera cyangwa ngo tugire imyifatire myiza. "Umwuka Wera ni imbaraga z'ukuri z'Imana kandi aduha izi mbaraga ze" (Harton, urupapu. 82). Igihe dukura mu by'Umwuka tumenya neza ko tudashobora kwishingikiriza imbaraga zacu gusa (Abaroma 7). Ariko iyo twitanze mu by'ukuri tukayoborwa no gufashwa n'Umwuka Wera, tubona ko twuzuzwa Umwuka aribyo biduheshya kugira imbaraga mubyo dukora.

Imbaraga z'Umwuka ziduha imbaraga zituruka ku Mana. "Amahoro y'Imana asumba ubumenyi bwose" (Abafilipi 4:7). Ariko se kuki? Kuko kugira amahoro atari kubura intambara cyangwa intonganyi. Amahoro n'ubwo umuntu yaba ari mu bihe bikomeye. aturuka k'ukwishingikiriza Imana. Imbaraga zo mu mwuka zituma tutibaza ibibazo nka "ese nshobora gukora uyu murimo?" ahubwo tugomba kwibaza tuti, "ese nkore uyu murimo?" Iyo igisubizo ari 'yego' tubona imbaraga zo gukora uwo murimo. "Imbaraga z'umwuka ni imbaraga zidufasha kwihangana", twibuke neza ko, 'uwihangana akageza imperuka azakizwa' (Matayo 24:13).

Iyo turi mu Mwami wacu nta bwoba bw'ibiza tugira. Tubaho mu buzima bw'uyu munsi, ubuzima bwo muri aka kanya. Ariko tugomba kumeya ko hari ibintu twibwira ariko atari ukuri. Tugomba kumenya neza imbaraga zacu, integes nke zacu, ibyaha dukunda gukingira ikibaba cyangwa se ibishuko bitunesha buri gihe. Dukwiye kwishimira ko dufite izi mpano ariko tukabikora mu bwitonzi. Izi ni impano z'Umwuka Wera ntabwo ari impano zacu bwite. Duhitamo kuzikoresha, ariko tugomba kumenya neza ko ibishuko by'umwanzi satani biriho kandi tutitonze twaneshwa. Imbaraga z'Umwuka zizadufasha mu bihe bikomeye kandi ntabwo tuzatsindwa cyangwa ngo tubure kwizera. Ni intwaro idukingira. Impano y'imbaraga z'Umwuka yuzuza impano nziza z'ibyiringiro no kwihangana.

Ubwoba bwiza kandi bwera

Ubwoba nk'uko tubuzi ni umwanzi w'ubuzima bwo mu mwuka. 1 Yohana 4:16… "Tuzi kandi twemera urukundo Imana idufitiye. Imana ni urukundo, kandi ufite urukundo ari mu Mana… nta bwoba buba mu rukundo kandi urukundo nyakuri rwirukana ubwoba." Ubwoba bwiza cyangwa bwera ni ubwoba bwubaha Imana. Zaburi 111:10 ivuga iti, "Kubaha Imana niryo tangiriro ryo kumenya ubwenge", ibi bivuze ko kubaha Imana ariko kudufasha gukunda Imana by'ukuri, no guhimbaza Imana by'ukuri. Ubwoba bwiza kandi bwera nibwo butuyobora mu kwegera Imana. Abahebulayo 10: 31 havuga hati, "Biteye ubwoba guhura n'uwiteka", ibi buvuga ko Imana itagomba gusuzugurwa. Dogiteri Norman Pittenger yahoraga avuga ati, "Imana ntabwo ari nk'igishushanyo abana bakinisha."

Imana ntabwo iri hafi yacu gusa ahubwo ni Imana yera, Imana ikomeye kandi isumba byose. Ubwoba bwiza budufasha kudahangara gutuka Imana cyangwa kuyubahuka. Ni impano idufasha kubona neza no kumenya Imana n'imirimo yayo. Ubwoba bwiza kandi bwera budufasha kwanga icyaha kuko icyaha gitera Imana kurakara. Hari indirimbo ivuga iti, "Mana twigishe gusenga by'ukuri, mu kukubaha no kugutinya."
Ubwoba bwiza budutegurira guhimbaza imana by'ukuri. "Ubwoba bwiza ni umwanya mwiza umutima wacu ufite wo gusabana n'Imana" (Harton, urupapu. 76). Karoli wa Foucauld yavuze "k' ubwoba bwiza tugira iyo turi imbere y'abo dukunda." Ubwoba bwiza butwibutsa ko iyo twegera Imana, ahantu hose, igihe cyose, tuba turi ahera.

Gukunda Imana

Gukunda Imana ni icyuzuzo cy'ubwoba bwiza cyangwa se ubwoba bwera. Guhimbaza Imana no kuyikorera biyoborwa no gukunda abandi, gufasha abandi cyangwa kugira neza. Impano yo gukunda Imana iyobora ubuzima bwacu bwose ku Mana. Muri Septuwajinti, ijambo ry'ikiratini ryitwa 'pietas' niryo rikoreshwa mu gihe cyo gukoresha 'gukunda Imana kandi risobanura 'gukunda no kwiyegurira Imana'. Kubw'iyi mpano gusenga no guhimbaza Imana bihinduka umuco wacu. Kandi muri gahunda y'amasengesho yo mu iteraniro, gukunda Imana bidufasha guhamagarira abandi gusenga Imana, mu bikorwa, mu magambo, mu ndirimbo, mu mihango- n'ibindi byose biyobora abantu ku Mana, byerekana ko turi ahera h'Imana. Kandi aho tugiye hose tujyana no gukunda Imana haba mu masengesho no mu guhimbaza iyo turi mu bandi bantu. Niyo mpamvu ubuzima bwacu bugomba guhimbaza Imana kandi ubuzima bwacu bukaba ubwo guhimbaza iyo Mana. Muri icyo gihe ubuzima bwacu buhinduka ubuzima bw'amasengesho kandi icyo dukora cyose ni guhimbaza no gusenga Imana. Byose bikorerwa Imana kandi bigakorwa mu maso yayo kandi twese tubibona. Niyo mpamvu iyo twicuza, dusenga tuti, "Kandi bigushimishe kuduha umutima w'urukundo kandi uduhe kukubaha no gukurikiza amategeko yawe."

IGICE CYA KANE

ABANZI B'UMUTIMA

"Murwanye Satani nawe azabahunga"(Yakobo 4:7). "Mwirinde kandi mube maso kuko umwanzi wanyu Satani abakurikirana nk'intare itontoma ashaka uwo yagira uwe" (1 Petero 5:8). Mu gihe tubaho tuyobowe n'umubiri, inyoko muntu ihora ishaka gukora icyaha, iba ikora akazi muri twe kugirango tugere ku rupfu kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu (Abaroma 7:5). "Irari ry'umubiri, irari ry'amaso no kwibona k'umubiri ni ibintu bidaturuka kuri data wa twese wo mu ijuru ahubwo bikomoka mur'iyi si (1 Yohana 2:16). Umubiri, umwanzi w'imbere, isi umwanzi w'inyuma, na satani ni ibintu turi buze kuganiraho mu gice gikurikira.

Umubiri, umwanzi w'imbere

Mutagatifu Katerina wa Genoa atwingingira, "kurwanya umubiri wacu nibwo tutazagira undi mwanzi." Imibiri yacu, ariyo twe ubwacu, niyo Pawulo yavuze mu gihe yavuze ku mubiri ariko mu buryo bwo gupfobya. Abona ko umubiri ari umuntu wigometse ku Mana. Icyo twita gufatanya icyaha ni icyaha cy'umwimerere, aribyo bivuze gutandukana n'Imana. "Ni icyaha cyo gushaka ariko umuntu atagira icyo ageraho, kandi umuntu ahora ashaka kwishimisha" (Harton, urupapu. 100). Ubu nibwo buryo bwo kugira ubuzima butagira gahunda kuburyo ari bubi cyane kuruta ibyaha by'umubiri. Icyaha cyo kwitandukanya n'Imana gihora kidutera kuba kure y'Imana kandi tukitegeka. Ibi biruta cyane irari, ubusambo, kutirinda, cyangwa se kutubaha imibonano mpuza bitsina. Ku bantu benshi icyaha cyangwa irari ryinganje mu kutagira gahunda yo mu mibonano mpuzabitsina. Icyaha cyo kwitandukanya n'Imana gikubiyemo ibyaha bibiri: Kwigomeka no gusenga ibindi bintu tubisimbuza Imana. Kwigomeka k'ugushaka kw'Imana no kuri gahunda yayo kandi no kugenzurwa n'ikindi kintu kitari Imana, aribyo bivuze ko umuntu

aba atagisenga Imana ahubwo asenga ibindi bintu. Ibi byose bikomoka k'ubuzima bwacu buba butagira gahunda.

Abanditsi b'iby'umwuka banditse nyuma ya Pawulo bavuga ku byaha by'umubiri. (Hari uburyo bwo gukora imibonano mpuzabitsina ku buryo buha Imana kuko ari impano yaduhaye. Ibibazo byerekeranye n'ibitsina byaribagiranye cyane mu bagatulika no mubangilikani yemwe no bakrisito bakunda gushakisha kwezwa. Byongeye ntibabona uburyo nyakuri bwo gukoresha inzoga niyo mpamvu aho gukoresha urugero rukwiye bahitamo kwirinda.) Icyaha kibyutsa umutwe iyo umubiri uretse kuba umugaragu ugahinduka umuyobozi. "Kwifuza cyangwa irari ry'umubiri rirarikira ibishimisha umubiri aho kwifuza ibiwufitiye akamaro. Ibi biterwa n'uko ibyo umubiri wifuza bihabanye n'ibyo umutima ukwiye kubona (Harton, urupapu. 103). Abantu bakomeza kugira irari rimeze ritya iyo batayobye burundu bakunda Imana ku munwa gusa aho kuba mu magambo no mu bikorwa. Umutima ukunda kwishimisha uhinduka imbata y'umuntu ubwe kuko ukunda ibiwushimisha gusa. Mutagatifu Pawulo mu Baroma 6:23 avuga ati, "ibihembo by'ibyaha ni urupfu". Ibi bivugwa k'umutima wokamwe n'icyaha ukaba ukunda gukora ibyaha. Twese tugira ibishuko cyangwa ibigeragezo. Ntabwo ari ibyaha by'ubusambo gusa n'ubusambanyi cyangwa kutagira kwihangana mu bintu byose tunyuramo ariko hari n'ibindi byaha twakwita bito dukora kandi bishobora kutuzanira urupfu- Kwigwizaho no kwikunda, gushaka ibya mirenge, gukabya mu byishimo no mu gukoresha umutungo nabi no kuba akazuyazi mu byerekeranye no gukunda Imana. Kugirango umuntu aneshe ibi byaha cyangwa ibigeragezo bijyana nabyo, umuntu akwiye gutegeka umubiri we aho kugirango abe umugaragu w'umubiri we.

Irari ry'amaso rigaragazwa no gukunda ibintu by'isi cyangwa se umunezero utangwa n'ibintu by'isi. Ni icyaha gikomeye kandi cyihishe cyane gusumba irari ry'umubiri. Kigaragarira mu gushaka kumenya no kugera ku bintu byinshi. Yego ntacyo twageraho tutagize icyo twifuza, tumenya, tugerageza. Ntacyo twageraho tutagize imyitozo cyangwa tutimenyereje. Kwimenyereza bifasha umuntu kugira ubumenyi bwuzuye. Ariko dushobora kubikora tutifuje iby'abandi bakora cyangwa tudashatse kumenya intege nke bafite mu bintu runaka. Ibi bigaragara cyane iyo hari abantu bo mu myanya yo hejuru bagize intege nke. Akenshi twifuza kumenya ibyabaye Atari impamvu zo kubafasha cyangwa kubasengera ahubwo ari impamvu zo kubaseka no kubasuzugura cyangwa kugenda tubavuga hirya no hino.

Dushobora kurwanya icyaha cy'ubwibone n'icyaha cyo kwibuka ibibi gusa bikadutera kwanga ibintu byose byabaye mu buzima bwacu bwashyize. Ubumenyi nyakuri bufasha umunyabyaha kwiyeza. Niyo mpamvu gutandukanya icyera n'icyanduye, icyo mu itorero n'icyo mu isi ni ibintu bibi kandi biyobya abantu kuko iri tandukanya naryo rikomoka ku cyaha. Kubeshyera abantu no kuvuga ibinyoma bitera umuntu kuba mu buzima budafashije. Bitera umuntu kuba mu buzima butagira amahoro kandi budatuje. Abantu biyitako bazi ejo hazaza cyangwa se bashobora kumenya ejo hazaza h'umuntu runaka nabo baba bakora icyaha, ntamahoro bagira.

Gukunda kurya cyane bizana icyaha cy'ubusambo. Kwigwizaho ibintu bitera umuntu gusenga ibintu byinshi afite. "Urukundo rw'amafaranga ni indiri y'ibibi byinshi;

urukundo rw'amafaranga rwayobeje benshi ku buryo bagiye mu bintu byinshi byababaje imitima yabo" (1 Timoteyo 6:10). Tugomba kwirinda gukunda ibintu. Tumenye ko iyo twibwira ko dufite ibintu byinshi tujye twibuka ko ibintu nabyo bidufite, ahubwo twe ntacyo dufite. Urupfu ruri hafi, kandi ntacyo tujyana iyo dupfuye. Gutandukanya ibintu byose n'Imana, urugero, kuvuga ko ubucuruzi ari ubucuruzi butandukanye n'itorero ni ibintu bibi byerekana ko Imana itari hose kandi itayobora byose. Imyifatire nk'iyi igirwa n'abantu bakunda Imana mu magambo gusa.

Ubwibone bw'umubiri

Ubwibone bw'umubiri bwerekana umubiri w'ikunda kandi wishyira hejuru aribyo bitera umubiri kwishyiraho kandi ntacyo wakwigezaho keretse kwitandukanya n'Imana. Umubiri wishyira mu mwanya w'Imana. Umuntu umeze atya ahora yirata ibyo yagezeho n'ubwo byaba atari byiza mu maso y'abandi. Yiyibagiza ko ibyo dufite byose kabone n'impano zacu byose bituruka ku Mana. Niyo mpamvu akomeza kwibona uko atari. Uku kwitandukanya n'Imana no kumva ko umuntu adakeneye Imana mu buzima bwe biboneka no mu bakrisito. Ese hari icyo ukora wirengagije imbaraga, ubushobozi, gushaka n'uburinzi bw'Imana? Niba aribyo, ubwo ufite ubwibone bw'umubiri. "Umutima w'umuntu w'uzuyemo ibintu bibi byinshi gusumba ikindi kintu kandi urabeshya, ese ninde ushobora kuwumenya! Njyewe, umwami, ngenzura ubwenge kandi ngerageza imitima, kugirango mpe buri wese nkurikije inzira ze kandi nkurikije imbuto z'imirimo ye" (Yeremiya 17:9…). Ubwibone bw'umubiri butujyana mu bwami bwa satani kandi butuzanira icyaha cy'ubwibone.

ISI, UMWANZI WO HANZE

Iyo tuvuze "isi" tuba tuvuga inyoko muntu n'ibintu byose akora atifashishije Umwami Imana ikomeye we wariho, ariho kandi azahoraho. "Isi iranyanga kuko mpamya ko imirimo yayo ari iya satani" (Yohana 7:7). "Mbasigiye amahoro, mbahaye amahoro yanjye, ntabwo mbahaye amahoro nk'uko isi itanga amahoro" (Yohana 14: 27). "Isi nibanga muzamenye ko yanyanze mbere kandi namwe yabanze. Niba muri ab'isi, isi izabakunda, ariko kuko mutari ab'isi, kandi narabatoranije mu isi, niyo mpamvu isi izabanga" (Yohana 15: 18-19). "n'ukuri n'ukuri, ndababwira ko muzarira kandi muzaboroga, ariko isi izishima" (Yohana 16:20). "Isi yarabanze, abigishwa, kuko Atari ab'isi, nk'uko nanjye ntari uwisi" (Yohana 17: 14). "Ntimwibaze benedata impamvu ki isi ibanga"(1 Yohana3: 13). "Ni abantu b'isi, niyo mpamvu ibyo bavuga ari iby'isi, kandi isi irabumva" (1 Yohana 4:5).

Muri rusange isi irwanya Imana. Uku kurwanya Imana gushingiye mu gukunda iby'isi. Kurwanya Imana byateye ibintu bibi cyane mu mateka y'itorero, niyo mpamvu tugomba kwicuza. Kurwanya Imana ni icyaha kandi gituruka ku cyaha. Ibi bibaho kuko itorero rya gikrisito rirwanya imyifatire y'abo mw'isi. Isi yanze Yesu, umwami waje gukiza isi n'abayirimo (Reba Yohana 3:16…). Ubwami bwa Krisito burwanya imyifatire y'abo mu isi, ibyo bakunda no guhora basha ubuyobozi. Ibi isi ibibona nk'aho ari ibintu byatawe

n’igihe, kandi bitumvikana. Isi igaragazwa no kwanga abakrisito n’ibyo bizera kandi bakunda, kuko ibyo abakrisito bigisha ntabwo bifatika nk’imitungo yo mu isi. Ibi kandi bishobora kuboneka ku bakrisito iyo batangiye guca umubiri w’abo mu ibice. Biroroshye kuririmba “Byose mbihaye Yesu’ cyangwa “Icyo ndicyo cyose n’ibyo mfite byose ni ibyawe Yesu” ariko birakomeye kongeraho “Nawe, mukiza wahawe umugisha, uri uwanjye.”

Imana ikomeza guhamagarira abantu bayo n’itorero ryayo kwiyeza. Abakrisito benshi ntibashaka kumva uyu muhamagaro. “Ntubifate nk’ukuri” Abantu bo mu isi bakunda kuvuga amagambo mu ncuti zabo no muri bagenzi babo, kandi n’itorero ntabwo riri kure y’iki cyaha” (Harton, urupapu. 113). Iyo turebye uburyo inama y’urwambariro ikora amanama yayo, ubona ko ari umwuka w’isi abayobora mu buryo baba bashaka gukemura ibibazo. Twibwira ko iyo tumaze gutora tuba hari icyo tugezeho. Itorero rya kera ryashakaga ubwumvikane no gushyira hamwe by’abagize inama. Iyo dutoye umwe akagira amajwi atandatu undi akagira atanu tuba dukoze iki? Tuba duciyemo inama ibice bibiri. Dukwiye kureba ibintu nk’aho bitamara igihe kirekire ahubwo tukamenya ko ibintu byo mu ijuru aribyo bihoraho. Dusenga tuti, “Mana udufashe tunyure mu bintu by’igihe gito duhanze amaso ibintu bihoraho.” Tugomba gutekereza kuri uku kuri.

Ubuzima bwo kwishimisha budutera intege nke kandi akenshi buzana umubabaro mu bandi bantu. Iki nicyo cyatumye Umwami wacu avuga muri Mariko 10:30 ati, “Birakomeye ko umukire yinjira mu bwami bw’ijuru.” Birakomeye ariko birashoboka. Biterwa n’imyifatire y’umuntu. Ibi bivugwa ku mutungo w’ibintu ariko no ku mutungo w’ubumenyi akenshi utera abantu benshi kwirata no gusuzugura abandi. Ibi kandi bishobora kuboneka ku bantu bafite impano zo mu mwuka, kuko iyo tutitonze, dushobora kuvuga tuti, “murebe uwo ndiwe cyangwa icyo ndicyo.” Kwicisha bugufi n’ubukene bwo mu mutima bishobora kudufasha kurwana n’ibyaha byo muri iyi si. Hejuru ya byose

Wizere kandi wubahe
Kuko ntayindi nzira iriho
Yo kugira ibyishimo muri Yesu
Uretse kwizera no kubaha.

(Iki ni igice gisubirwamo cy’indirimbo yitwa “Wizere kandi Wubahe” yahimbwe na Yohana Sammis and D. B. Towner, mu 1921.)

SATANI

Insinzi ya mbere ya Satani ni kumvisha abantu kabone n’abari mu itorero ko atariho. Satani yamaze kumvisha abantu ko atariho kandi ko abantu bumva ko ariho ari ibikerezo by’abana. Ariko itorero rya Krisito rizi ko ariho kandi ko akora akazi ko kurwanya Imana n’abantu b’Imana. Kandi ahora y’iyoberanya ku buryo abantu tutamenya uwo ariwe n’aho ari. Satani yari umumarayika wigometse ku Mana biba ngombwa ko Imana imwirukana. Umwami wacu Yesu yigishije ko Satani ariho kandi ko umurimo we ari umurimo wo kuyobya abantu no gusenya. Satani ni ikiremwa kandi ni mubi. Akora umurimo wo kurwanya Imana, Itorero, n’abana b’Imana. Satani arabeshya cyane. Ububasha bwe yabuhinduyemo ubwami bw’ibibi. Ayobora ubwami butandukanye kandi burwanya ubwami bw’ijuru.

Intego ya Satani ni gutandukanya umutima w'umuntu n'Imana, kandi iyo umutima w'umuntu wera kandi ukunda Imana, Satani arawurwanya cyane, ariko imbaraga za Satani zifite aho zirangirira" (Harton, urupapu. 117). Satani yanga umwami wacu wahawe umugisha kandi yanga umusaraba. Niyo mpamvu izina rya Yesu n'ikimenyetso cy'umusaraba ari intwaro zikomeye zirwanya Satani kandi zidufasha mu bigeragezo. Satani atugerageza muri byinshi, yemwe no mu ntekerezo no kwifuza. Aratubwira ati, "Iyo biba bimeze bitya" cyangwa ati, "iyo biba bitameze bitya". Ariko ntabwo ashobora gutsinda tutamuhaye uburenganzira. Icyaha kizanwa na Satani kandi gikora ibintu bikurikira:

-Kwanduza ubwenge
-Guca intege gushaka kwacu
-Kwanduza umutima
-Kwangiriza umubiri
-No kudutandukanya n'Imana

Satani atujyana kure y'Imana adushukisha ibintu byiza mu maso yacu. Abyutsa muri twe ubwibone butwereka ko dufite imbaraga nyuma tugatangira gusuzugura ubuntu bw'Imana. Satani ahindanya umutima w'umuntu. Ahungabanya kubaho kwacu. Adutera kubuza abandi amahoro kubw'umujinya wacu no kwikunda. Byongeye mu Baroma 7, tubona uburyo Pawulo arira abikuye ku mutima, ariko avuga ati, "Imana ishimwe yo iduha insinzi mu mwami wacu Yesu Krisito." Insinzi ya Yesu ku musaraba yatsinze icyaha, urupfu, na Satani. Satani yaratsinzwe ese dufite nyungu ki yo gufatanya n'uwatsinzwe?

Kuzuzwa Umwuka Wera bitera umutima kwicuza no kwishyingikiriza umurimo Krisito yakoze, ugahuzwa n'Imana, mu bwitonzi, mu masengesho no mu munezero. Ibigeragezo bya Satani birwanya umutima bikawutera gushidikanya ku kubabarirwa tubonera muri Yesu no kuwubuza gusenga. Ibi byose bitera umutima kwijima no guhora uhangayitse" (Harton, urupapu. 96). Ariko n'ubwo hari ibi byose, umwami Yesu Krisito aravuga ati, "Wishime kuko natsinze urugamba nkanesha isi". Iyo urebye ibigeragezo byo mu butayu, Yesu yakoresheje Ibyanditswe Byera kugirango atsinde Satani.

Umuntu agomba gufata mu mutwe amagambo akurikira kugirango ayakoreshe mu gihe ageze mu bigeragezo. Ayo magambo ni ayo Yesu yavuze cyane cyane ayitwa "ninjye":

- Ninjye mugati w'ubuzima (Yohana 6:35).
- Ninjye mucyo w'isi (Yohana 8:12).
- Ninjye kuzuka no kubaho (Yohana 11:25).
- Ninjye mushumba mwiza (Yohana 10:11).
- Ninjye nzira, ukuri n'ubugingo (Yohana 14:6).
- Ninjye muryango (Yohana 10:7).
- Ninjye muzabibu, ninjye muzabibu w'ukuri (Yohana 15:1; 15:5).
- Reba amayobera y'Imana muri Krisito ariwe muhaza wacu n'Imana mukuru (Abahebulayo 5: 6).
- Umuhuza wacu n'Imana (1 Timoteyo 2:5).
- Uhora adusabira ku Mana (Abahebulayo 7:25).
- Umuburanyi wacu (1 Yohana 2:1).

- Impano Imana yaduhaye (Yohana 3:16).

Wicishe bugufi, wizere, ukomeze kwitangira umurimo w'Imana cyane cyane mu kwicuza no mu igaburo ryera. Muri ubu buryo iyo turi abizerwa tuzabona ko Imana yizerwa, idahinduka kandi igira urukundo rwinshi.

IJAMBO RY'INYONGERA

Ni byiza kwisuzuma kugirango umuntu arwanye icyaha.

Ubwibone:

- Ese nta kwicisha bugufi kuri muri njye?
- Ese nshakisha ibintu ku buryo burenze kugera igihe nanduranya n'abandi?
- Ese ntuganya ibintu biri hafi yanjye kandi nubaha abo turi kumwe?
- Ese mpora numva ko amagambo n'ibyifuzo byanjye aribyo byakurikizwa? Ese nsuzugura ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by'abandi?

Umujinya:

- Ese ntabwo nihanganira abandi?
- Ese nihanganira intege nke zabo cyangwa amakosa yabo?
- Ese nagiriye abandi nabi, mu bikorwa cyangwa se mu magambo?
- Ese mbika inzika no kwihorera?
- Ese nkunda kurakara mu buryo budasobanutse?
- Ese igihe ngize uburakari ntabwo nshobora kubutegeka no kubuyobora?

Irari:

- Ese nanga igikwiye mu ntekerezo, mu mvugo no mu ngiro?
- Ese nkunda kureba no kumva ibintu bizana irari?
- Ese nkunda gupfobya iki cyaha?
- Ese narasambanye?

Ubunebwe:

- Ese nkoresha nabi umukozi wanjye?
- Ese ndi umunebwe kandi mpora nshaka gusubika imirimo?
- Ese ntabwo nkunda gusenga no gusoma Ibyanditswe Byera?
- Ese nkunda gukererwa?
- Ese nkunda kutita ku mirimo yanjye?

Ishyari:

- Ese mfasha abandi mu bitekerezo gusa aho kubafasha mu bikorwa?
- Ese ntabwo mbabarira abandi, mkunda kubika inzika?

- Ese nkunda kuganya?
- Ese nkunda kwifuza?
- Ese nkunda kwigomeka?
- Ese nkunda kubika ibitekerezo bibi bikomoka ku buzima bubi nagize?
- Ese ndi umuntu mubi udashaka kubana n'abandi bantu?
- Ese nkunda kugira nabi?

Kwifuza:

- Ese narabeshye kugirango mbone inyungu?
- Ese nabonye amafaranga, umutungo, cyangwa icyubahiro mu buryo budakwiye?
- Ese nanze kwishyura ideni?
- Ese nkunda kuba gito?
- Ese ntabwo nasubije ibyo natijwe?
- Ese nafatiriye ibintu by'abandi?
- Ese nanga gusangira n'abandi ibyo mfite?
- Ese nkunda ibintu?
- Ese ntura amaturo no gutanga icyacumi?

Ubusambo:

- Ese kunda kunywa no kurya birenze urugero?
- Ese nkunda kwishimisha?
- Ese nkunda guta igihe kirekire mu kwishimisha?
- Ese ntabwo nshaka gutegeka umubiri wanjye?
- Ese nsuzugura amategeko ajyanye no kwiyiriza no kwirinda?
- Ese ntakwihangana ngira?
- Ese mfata igihe kirekire cyo kureba amashusho no kumva indirimbo?

IBITABO BYIFASHISHIJWE

Ibitabo bikurikira byifashishijwe kugirango nshobore kwandika iki gitabo. Nabikoresheje mbere yo kwandika igitabo ku buryo inyigisho nakuyemo nazanditse nkazifashisha hanyuma. Rimwe na rimwe, ntabwo nerekanye ibitabo nakuyemo ibitekerezo ariko nerekanye ko amagambo cyangwa igitekerezo atari icyanjye ahubwo nagikuye mu bindi bitabo.

- Fitzgerald, Ross, umusomyi. Ibyaha birindwi byica. Melbourne, Ositraliya: Icapiro rya Minerva.
- Fitzgerald, Ross, umusomyi. Impano nziza ndwi zikiza. Melbourne, Ositraliya: Icapiro rya Minerva.
- Haring, Bernard. 1961. Itegeko rya Krisito. C.SS.R. Umuzingo 1&2. Westminster, Maryland, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika: Icapiro rya Newman.
- Harton, F.P. 1939. Ibigize ubuzima bwo mu Mwuka. London, Ubwongeleza: S.P.C.K.
- Montgomery, Marion. Ingeso nziza n'ibisa nazo byo muri iki gihe.
- Paget, Francis, Musenyeri wa Oxford. 1911. Umuco w'imyifatire myiza. London, Ubwongeleza: Longman, Green and Co.
- Tanquery, Adolphe, S.S. 1938. Ubuzima bwo mu Mwuka, Tournai, Ububiligi: Desclee and Co.
- Thils, Gustav. 1961. Kwera k'umukrisito: Inyigisho za tewolojiya yo kwanga iby'isi, Teil, Ububiligi: Icapiro rya Lanno.
- Yates, M. L.1959. Imana muri Twe. London, Ubwogeleza: S.P.C.K. na New York, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika: Icapiro rya Seabury.(Uburenganzira bw'umwanditsi ubu bufitwe na Yohana C. Vockler).